Isosiyete imenyesha Umwanditsi Mukuru munyandiko ihindurwa ry'icyicyaro cy'isosiyete mu minsi cumi n'itanu y'akazi guhera itariki umwanzuro wafashwe n'Inama y'Ubutegetsi.

Ihinduka ry'icyicaro cyanditswe rigira agaciro

being disclosed in any document kept by the Registrar General or made available by the company for inspection pursuant this Law.

**Section 3: Formalities of carrying on a business**

**Article 30: Registered office and registered address**

A company must at all times have a registered office address in Rwanda. All communications, notices and service of legal proceedings on the company shall be addressed to a company's registered office.

Subject to any restrictions in the company's incorporation documents, the Board of Directors may change its registered office and registered address from time to time in accordance with provisions of this law.

The company must submit written notice of the change of the registered office to the Registrar General within fifteen (15) working days from the date of the resolution of the Board of Directors.

The change of the registered office takes

dernière a été divulguée dans tout document tenu par le Registraire Général ou rendu disponible par la société aux fins d'inspection en application de la présente loi.

**Section 3 : Formalités d'exercice d'une activité commerciale**

**Article 30: Siège social et adresse enregistré**

Une société doit avoir en permanence l'adresse de son siège social au Rwanda. Toutes formes de communications, d'avis et de signification de procédures judiciaires concernant la société sont adressées au siège social de la société.

Sous réserve des restrictions prévues dans les documents constitutifs d'une société, le conseil d'administration peut, à tout moment, changer le lieu du siège social et son adresse enregistrée conformément aux dispositions de la présente loi.

Dans les 15 jours ouvrables, le changement de siège social doivent être livrés au Registraire Général.

Le changement de siège social prend effet à la

ku itariki yanditse mu imenyekanisha idashobora kuba iya mbere y'iminsi itanu y'akazi nyuma y'uko imenyekanisha ryaryo ryanditswe n'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 31: Uburyo bwo kugeza inyandiko kuri sosiyete**

Itumanaho iryo ari ryo ryose cyangwa inyandiko imenyesha iyo ari yo yose ishobora kugezwa ku isosiyete:

1° nyirayo ayinyujije ku ugize Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete cyangwa umwanditsi w'isosiyete;

2° inyujijwe mu ibaruwa ishinganye kuri aderesi y'iposita yanditswe y'isosiyete cyangwa hakoreshejwe uburyo bw' ikoranabuhanga;

3° isizwe ku cyicaro cyanditse cy'aho isosiyete ikorera.

**Ingingo ya 32: Kugaragaza izina ry'isosiyete**

Isosiyete yose igomba kugira izina ryayo ryuzuye ryanditse mu nyuguti zoroshye gusoma rigashyirwa ahantu hagaragarira buri wese, hanze y'ibiro byanditse cyangwa y'aho ibikorwa byayo bikorerwa hazwi.

effect on a date stated in the notice but it shall not be earlier than five (5) working days after the notice is registered by the Registrar General.

**Article 31: Service of documents on a company**

Any communication or notice is served on a company by:

1° personally serving it to a director or the secretary of the company;

2° sending it by registered post to the registered postal address of the company or sending it electronically;

3° leaving it at the registered office of the company.

**Article 32: Disclosure of a company name**

Every company shall have its full name clearly stated in easily legible letters in a conspicuous position outside its registered office and every other office or place in which its business is carried on.

date indiquée dans l'avis mais qui ne peut être antérieure à cinq (5) jours ouvrables suivant l'enregistrement de l'avis par le Registraire Général.

**Article 31 : Signification de documents à une société**

Toute communication ou tout avis peuvent être signifiés à une société :

1° en les remettant personnellement à l'administrateur ou au secrétaire de la société ;

2° en les envoyant par lettre recommandée à l'adresse postale enregistrée de la société ou par voie électronique ;

3° en les laissant au siège social de la société.

**Article 32: Divulgation de la dénomination sociale d'une société**

Chaque société doit avoir une dénomination sociale complète en lettres clairement lisibles affichée à un endroit bien visible à l'extérieur de son siège social et à tout autre bureau ou endroit où elle exerce ses activités.

Isosiyete igomba kugira izina ryuzuye ryayo n'umubare wihariye uranga sosiyete byanditse mu buryo bworoshye gusoma rigashyirwa:

1° ku butumwa bwanditse bwoherejwe n'isosiyete cyangwa bwoherejwe mu mwanya wayo, uretse ubutumwa bw'imbere mu isosiyete;

2° ku dutabo twose tw'ubucuruzi n'amatangazo y'ubucuruzi bitangwa n'isosiyete cyangwa butangwa mu mwanya wayo;

3° ku nyandiko zose zitangwa cyangwa zishyirwaho umukono mu mwanya w'isosiyete zemeza cyangwa zishyiraho inshingano z'isosiyete zishingiye ku mategeko.

Isosiyete ishobora gukoresha amagambo ahinnye asanzwe azwi ko ahagarariye ijambo cyangwa amagambo y'izina ryayo igihe cyose bitatuma habaho ukwitiranya ibintu.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Amagambo aranga isosiyete ifite uburyozwe buhinnye**

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko, iyo isosiyete ifite uburyozwe buhinnye

A company shall have the company's full name and the company's code clearly stated in easily legible letters on:

1° all written communications sent by or on behalf of the company, except for internal company communications;

2° all trade catalogues and trade circulars issued by or on behalf of the company;

3° all documents issued or signed by or on behalf of the company as evidence of or that create a legal obligation of the company.

A company may use any generally recognised abbreviation of a word or words in the name of a company, so long as it is in a non-misleading manner.

**<u>Article 33:</u> Abbreviation of Limited company**

Subject to the provisions of Article 7 of this Law, where the company has limited liability,

Une société doit avoir une dénomination sociale complète et un code de la société libellés clairement en lettres facilement lisibles figurant sur :

1° toutes les communications écrites envoyées par ou au nom de la société, à l'exception des communications internes de la société ;

2° tous les catalogues commerciaux et tous les prospectus commerciaux émis par ou au nom de la société ;

3° tous les documents délivrés ou signés par ou au nom de la société servant de preuve ou créant une obligation juridique de la société.

Une société peut faire usage d'une abréviation généralement reconnue représentant un mot ou des mots de sa dénomination sociale pour autant qu'elle ne prête pas à confusion.

**<u>Article 33</u>: Sigle d'une société à responsabilité limitée**

Sous réserve des dispositions de l'article 7 de la présente loi, en cas de société à

igomba guherukwa n'amagambo "limited", "Ltd" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'icyongereza.

**Ingingo ya 34: Gusonerwa kongeraho amagambo "Ltd"**

Iyo ibimenyetso bishyikirijwe Umwanditsi Mukuru ko isosiyete ifite uburyozwe buhinnye irimo gushingwa ifite intego yo guteza imbere ubucuruzi, ubukorikori, ubuhanga, iyobokamana, gufasha ikiremwamuntu cyangwa indi ntego y'ingirakamaro, kandi ifite ubushake bwo gushora inyungu zayo n'indi mitungo yayo mu gushimangira izo ntego, kandi ko idateganya kugabagabanya inyungu abanyamigabane bayo, Inama y'Ubutegetsi ishobora gutegeka ko iyo sosiyete yakwandikwa nk'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye bitari ngombwa kongera ku izina ryayo impine y'ijambo "Ltd".

Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga ayo mabwiriza ku isosiyete yarangije kwandikwa, igihe yaba abonye ko iyo sosiyete yujuje ibyangombwa bisabwa byavuzwe mu gika kibanza.

Igihe isosiyete imaze kwandikwa, igomba kugira uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe n'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye, keretse gusa ibijyanye no gukoresha amagambo

the registered name of the company ends with the word "Limited" or the abbreviation "Ltd".

**Article 34: Dispensation to add the abbreviation "Ltd"**

Where it is proved to the satisfaction of the Registrar General that an entity about to be formed as a limited company is to be formed for promoting commerce, art, science, religion, charity or any other useful objective, and intends to apply its profits or other income in promoting its objectives, and to prohibit the payment of any dividend to its members, the Registrar General may direct that the entity be registered as a limited company without the addition of the abbreviation "Ltd" to its name.

The Registrar General may make such a directive for a company which has already been registered if he/she is satisfied that the company complies with the conditions prescribed in the preceding paragraph.

On registration, the Company shall enjoy all the privileges of limited companies, and be subject to all their obligations, except those of using the abbreviation "Ltd" as part of its

responsabilité limitée, la dénomination sociale de la société se termine par le mot « Limited » ou le sigle anglais « Ltd ».

**Article 34: Dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**

Lorsqu'il est prouvé, à la satisfaction du Registraire Général, qu'une société à responsabilité limitée en formation a pour objet la promotion du commerce, de l'art, de la science, de la religion, de la charité ou d'un autre objet utile, et qu'elle envisage d'affecter ses bénéfices et autres revenus à la promotion de ses objectifs et qu'elle ne compte pas distribuer des dividendes à ses membres, le Registraire Général peut ordonner que cette entité soit enregistrée comme société à responsabilité limitée sans avoir à ajouter le sigle « Ltd » à sa dénomination sociale.

Le Registraire Général peut prendre une telle directive pour une société déjà enregistrée s'il considère que ladite société remplit les conditions prescrites à l'alinéa précédent.

Dès qu'une société est enregistrée, elle jouit de tous les privilèges d'une société à responsabilité limitée et est soumise à toutes leurs obligations exception faite de l'usage du

"Ltd" mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi no koherereza Umwanditsi Mukuru urutonde rw'abanyamigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi n'abacunga isosiyete.

**Ingingo ya 35: Gukuraho isonerwa ryo kongeraho "Ltd"**

Ibwiriza riteganyijwe mu ngingo ya 34 y'iri tegeko rishobora kuvanwaho binyujijwe mu imenyesha ry'Umwanditsi Mukuru iyo asanze impamvu zatumye habaho isonerwa zitagifite ishingiro. Isosiyete bireba igomba kubahiriza iryo vanwaho mu gihe cyangenwe mu imenyesha ry'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 36: Gusaba kubikirwa izina ry'isosiyete**

Gusaba kubikirwa izina, haba ku bashaka gushinga isosiyete cyangwa se abashaka guhindura izina ry'isosiyete bikorwa n'umuntu ushaka guhindura izina ry'isosiyete. Isaba rikorwa mu buryo bwagenwe n' Umwanditsi Mukuru.

Iyo Umwanditsi Mukuru yemeye ubwo busabe, izina ribikwa mu gitabo cy'isosiyete mu gihe cy'amezi atatu (3) gishobora kongerwa rimwe gusa ari uko bisabwe.

name and sending lists of members, directors and managers to the Registrar General.

**Article 35: Revocation of dispensation to add "Ltd"**

The directive made under Article 34 of this Law may at any time by notification of the Registrar General, be revoked by the Registrar General, where the reasons for dispensation are no longer valid. The company concerned must comply with the revocation within a period specified by the Registrar General's notification.

**Article 36: Application for company name reservation**

An application is made for a name reservation by a person who wishes to form a new company or who wishes to change the name of an existing company. The application is lodged in the form prescribed by the Registrar General.

Where the Registrar General approves such an application, the name is reserved in the company registry for a period of three (3) months, plus one renewal upon an

sigle « Ltd » dans sa dénomination sociale et de la transmission au Registraire Général de la liste des actionnaires, des administrateurs et des gérants.

**Article 35: Annulation de la dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**

La directive prévue à l'article 34 de la présente loi peut à tout moment par notification au Registraire Général, être révoquée par le Registraire Général lorsque les raisons de de dérogation ne sont plus valables. La société concernée doit se conformer à cette révocation dans un délai indiqué dans la notification du Registraire Général.

**Article 36: Demande de réservation de dénomination sociale d'une société**

Une demande de réservation de dénomination sociale peut être faite par une personne désirant créer une nouvelle société ou changer une dénomination sociale d'une société existante. La demande est introduite sous la forme prescrite par le Registraire Général.

Au cas où le Registraire Général approuve une telle demande, la dénomination sociale est réservée dans le registre de la société pour une période de trois (3) mois renouvelable une

application.

seule fois sur demande.

Iyo Umwanditsi Mukuru atemeye ubusabe bwo kubikirwa izina, abimenyesha usaba mu nyandiko igaragaza impamvu butemewe mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi kuva ku tariki ubusabe bwakiriweho.

Where the Registrar General rejects an application for a name reservation, the Registrar General notifies the applicant in writing within two (2) working days from the date on which such an application is received stating the reasons for rejection.

Lorsque le Registraire Général rejette une demande de réservation de dénomination sociale, il notifie par écrit au demandeur dans les deux (2) jours ouvrables suivant la date de réception de la demande tout en précisant les motifs de rejet.

**Ingingo ya 37: Ibidakorwa mu kubika izina ry'isosiyete**

Umwanditsi Mukuru ntagomba kubika izina:

1° ryabangamira cyangwa imikoreshereze yaryo yabangamira itegeko iryo ari ryo ryose;

2° rishobora gutera urujijo ;

3° rinyuranyije n'umuco w'igihugu ;

4° risa cyangwa rijya gusa n'irindi Umwanditsi Mukuru yarangije kubikira indi sosiyete;

5° risa n'iry'isosiyete iriho cyangwa ikigo cya Leta gikora ubucuruzi cyangwa rijya gusa na ryo ku buryo byatera

**Article 37: Restrictions on company name reservation**

The Registrar General shall not reserve a name which:

1° would, or the use of which, would contravene any Law;

2° is misleading;

3° goes against public morals.

4° is identical or almost identical to a name that the Registrar General has already reserved for another company;

5° is identical with that of an existing company, or statutory corporation, or so nearly resembles that name as to

**Article 37: Restrictions à la réservation de dénomination sociale d'une société**

Le Registraire Général ne doit pas réserver la dénomination sociale:

1° pouvant ou dont l'usage peut enfreindre une loi quelconque;

2° pouvant prêter à confusion ;

3° contraire aux bonnes mœurs ;

4° identique ou presque identique à une autre dénomination sociale que le Registraire Général a déjà réservée pour une autre société;

5° identique à celle d'une autre société existante ou d'une société de service public ou qui lui ressemble tant qu'il

urujijo, keretse mu gihe iyo sosiyete iriho cyangwa icyo kigo cya Leta gikora ubucuruzi kiri mu gihe cy'iseswa kandi byarabyemeye mu buryo bugenwa n'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 38: Uburenganzira buterwa no kubikirwa izina**

Kubikirwa izina ubwabyo ntibiha isosiyete nyarwanda cyangwa y'inyamahanga uburenganzira bwo kwandikwa kuri iryo zina; byaba ari mu itangizwa ryayo cyangwa mu ihindurwa ry'izina.

**Ingingo ya 39: Ibidakorwa mu kwandikisha izina ry'isosiyete**

Isosiyete, harimo n'isosiyete y'inyamahanga, ntishobora guhabwa izina ryabitswe hakurikijwe ingingo ya 37 y'iri tegeko keretse iyaribikije.

**Ingingo ya 40: Gusaba guhindura izina ry'isosiyete**

Isaba ryo guhindura izina ry'isosiyete:

be likely to mislead, except where the existing company or statutory corporation is in the course of being dissolved and signifies its consent in such manner as the Registrar General requires.

**Article 38: Rights arising out of reservation of name**

The reservation of a name does not by itself entitle the proposed domestic or foreign company to be registered under that name, either originally or on a change of name.

**Article 39: Restrictions on company name registration**

A company, including a foreign company, shall not be registered under a name that is restricted from name reservation under Article 37 of this Law.

**Article 40: Application to change a company name**

An application to change the name of a company:

est susceptible de prêter à confusion, sauf si cette société existante ou cette société de service public est dans un processus de dissolution et y consent d'une manière requise par le Registraire Général.

**Article 38: Droits découlant d'une réservation de dénomination sociale**

La réservation d'une dénomination sociale ne suffit pas à elle seule à habiliter la société proposée, soit de droit national ou étrangère, à être enregistrée sous cette dénomination sociale, que ce soit au moment de la constitution ou du changement de dénomination sociale.

**Article 39: Restrictions à l'enregistrement de la dénomination sociale**

Une société, y compris une société étrangère, ne peut être enregistrée sous une dénomination sociale ayant fait l'objet de réservation conformément à l'article 37 de la présente loi.

**Article 40: Demande de changement d'une dénomination sociale**

Une demande de changement d'une dénomination sociale :

1° rikorwa mu buryo bwagenwe n'Umwanditsi Mukuru;

2° rigomba kugaragaza ko icyemezo cyo guhindura izina cyafashwe n'umwanzuro usanzwe w'abanyamigabane;

3° kwerekana ko izina ryayigenewe igihe yaribikiwe.

**Ingingo ya 41: Gushyira mu bikorwa ihindura ry'izina ry'isosiyete**

Iyo Umwanditsi Mukuru asanze isosiyete yarubahirije ibisabwa n'iri tegeko bijyanye no guhindura izina :

1° yandika izina rishya ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete

2° yandika ihindurwa ry'izina ry'isosiyete ku itariki y'icyemezo cy'iyandikwa ryaryo;

3° asaba isosiyete kurimenyekanisha.

1° is in the form prescribed by the Registrar General;

2° shall prove that the resolution to change the company name has been passed by an ordinary resolution of the company shareholders;

3° prove that the name was reserved for the company.

**Article 41: Implementing change of a company name**

Where the Registrar General is satisfied that a company has complied with the requirements under this Law for changing a company name, he/she:

1° records a new name of the company in the company register;

2° records the change of name of the company and date on its certificate of registration;

3° instructs the company to issue a public notice of the change of the company name.

1. est dans la forme prescrite par le Registraire Général;

2. prouve que la résolution de changer la dénomination sociale a été prise par résolution ordinaire d'actionnaires de la société ;

3. prouve que la dénomination sociale a été réservée pour la société.

**Article 41: Mise en œuvre de changement de dénomination sociale d'une société**

Lorsque le Registraire General estime que la société remplit les conditions requises par la présente loi concernant le changement de dénomination sociale, il:

1° enregistre la nouvelle dénomination sociale de la société dans le registre des sociétés ;

2° enregistre le changement de la dénomination sociale de la société et la date sur le certificat d'enregistrement ;

3° ordonne à la société de faire un avis au public concernant le changement de la dénomination sociale.

**Ingingo ya 42: Ingaruka y'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete**

Guhinduka kw'izina ry'isosiyete yanditswe bigira agaciro guhera ku itariki igaragara ku cyemezo cy'ihindura.

Ihinduka ntirigira ingaruka ku burenganzira n'inshingano by'isosiyete, cyangwa ku byo isosiyete yaba ikurikirana imbere y'amategeko cyangwa yaba ikurikiranwaho. Ibyo isosiyete yaba yarakurikiranwagaho ku izina rya kera bishobora gukomeza kuyikurikiranwaho ku izina ryayo rishya.

**Ingingo ya 43: Gusabwa guhindura izina**

Iyo Umwanditsi Mukuru yemeje ko isosiyete itakwandikwa ku izina iri n'iri, asubira ku cyemezo cyo kwandika izina ry'isosiyete, akamenyesha iyo sosiyete icyemezo yafashe ku buryo bwanditse agaragaza impamvu yagifashe. Asaba kandi iyo sosiyete guhindura izina mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kwakira iryo menyesha.

**Article 42: Effect of changing a company name**

The change of name of a recorded company takes effect from the date recorded in the certificate of registration.

The change does not affect the rights or obligations of the company, or legal proceedings by or against the company. Legal proceedings that might have been continued or commenced against the company under its former name may be continued or commenced against it under its new name.

**Article 43: Direction to change name**

In case the Registrar General determines that a company should not have been registered under a certain name, he/she reverses the decision to register the company name and provides the company with a written notice stating the grounds for such decision. He/she also requests the company to change the name within thirty (30) days from the date on which the notice is served.

**Article 42: Effet du changement de dénomination sociale d'une société**

Le changement de dénomination sociale d'une société enregistrée prend effet à compter de la date figurant dans le certificat d'enregistrement.

Le changement n'affecte pas les droits ou les obligations de la société, ou les procédures judiciaires engagées par ou contre la société. Les procédures légales qui auraient pu être poursuivies ou engagées contre la société sous son ancienne dénomination sociale peuvent être poursuivies ou engagées continuer contre la société sous sa nouvelle dénomination sociale.

**Article 43: Ordre de changement de dénomination sociale**

Lorsque le Registraire Général juge qu'une société ne devrait pas être enregistrée sous une quelconque dénomination sociale, il annule sa décision d'enregistrer la dénomination sociale de la société et notifie par écrit à la société sa décision motivée. Il demande également à la société de changer sa dénomination sociale dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date à laquelle l'avis lui a été signifié.

**Ingingo ya 44: Gutegeka isosiyete kureka izina**

Mu gihe icyo ari cyo cyose Umwanditsi Mukuru abona ko:

1° izina ryanditswe ry'isosiyete ritera urujijo ku bijyanye n'imiterere y'ibyo ikora ku buryo bushobora kubangamira rubanda;

2° izina ry'isosiyete ryanditswe ritujuje ibisabwa n'iri tegeko;

3° hatanzwe amakuru ateye urujijo hagamijwe iyandikwa ry'isosiyete ku izina iri n'iri;

4° hari ibyiyemejwe cyangwa ibyishingiwe gukorwa bijyanye no kwandika isosiyete ku izina runaka ariko bitubahirijwe.

Umwanditsi Mukuru ashobora gutegeka isosiyete mu nyandiko guhindura izina ryayo mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye ku itariki ubuyobozi bw'iyo sosiyete buhereweho icyo cyemezo.

**Article 44: Requiring a company to abandon a name**

If at any time the Registrar General believes that:

1° a company's registered name gives a misleading indication of the nature of its activities that is likely to cause harm to the public;

2° a company's registered name does not comply with the requirements of this Law;

3° misleading information has been given for the purpose of a company's registration with a particular name;

4° undertakings or assurances given for the purpose of a company's registration with a particular name have not been fulfilled,

the Registrar General may direct the company in writing to change its name within a period of forty-five (45) days from the date on which the direction is served on the company.

**Article 44 : Injonction à une société d'abandonner une dénomination sociale**

Si, à tout moment, le Registraire Général est d'avis que :

1° la dénomination sociale enregistrée d'une société donne une indication fallacieuse quant à la nature de ses activités et risque de causer un préjudice au public ;

2° la dénomination sociale enregistrée d'une société n'est pas conforme aux exigences de la présente loi ;

3° de fausses informations ont été données aux fins de l'enregistrement d'une société sous une quelconque dénomination sociale ;

4° des engagements et assurances données pour l'enregistrement d'une société sous une quelconque dénomination sociale n'ont pas été remplis;

il peut ordonner par écrit à la société de changer sa dénomination sociale dans un délai de quarante-cinq (45) jours à compter de la date de signification de l'ordre à la société.

**Ingingo ya 45: Gutangazwa kw'izina ry'isosiyete**

Isosiyete ni yo igomba gukurikira no kumenya neza ko izina ryayo ryamanitswe cyangwa ryatangajwe ku buryo bugaragara:

1° muri buri tumanaho ryanditse ryoherejwe n'isosiyete cyangwa ryoherejwe mu izina ryayo;

2° kuri buri nyandiko yatanzwe cyangwa yasinywe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo nk'ikimenyetso cyangwa ikanabyara inshingano ku isosiyete.

**Ingingo ya 46: Uburyozwe mu kwandika izina ry'isosiyete ku buryo butari bwo**

Iyo izina ry'isosiyete ryanditse ku buryo butari bwo mu nyandiko ihamya cyangwa igena inshingano zayo zishingiye ku mategeko, kandi iyo nyandiko ikaba yarashyizweho umukono cyangwa yaratanzwe na sosiyete cyangwa mu izina ryayo, abagize uruhare bose mu isohoka ry'iyo nyandiko cyangwa bayishyizeho umukono babiryozwa ku buryo bumwe n'isosiyete ubwayo, keretse iyo umuntu watanze iyo nyandiko cyangwa wayishyizeho umukono agaragaje ko, mu gihe iyo nyandiko yasohorwaga cyangwa yashyirwagaho

**Article 45: Communication of a company name**

A company ensures that its name is clearly displayed or stated:

1° in every written communication sent by, or on behalf of, the company;

2° in every document issued or signed by, or on behalf of, the company that evidences or creates a legal obligation of the company.

**Article 46: Liability for writing a company name incorrectly**

In case the name of a company is incorrectly stated in a document which is evidence of or creates a legal obligation of the company and the document is issued or signed by or on behalf of the company, every person who issued or signed the document is liable to the same extent as the company unless the person who issued or signed the document proves that the person in whose favour the obligation was incurred was aware at the time the document was issued or signed that the obligation was incurred by the company.

**Article 45: Publication de dénomination sociale d'une société**

Une société doit s'assurer que sa dénomination sociale est clairement affichée ou indiquée :

1° dans toute communication écrite envoyée par la société ou pour son compte;

2° dans tout document délivré ou signé par la société ou pour son compte et qui constate ou crée une obligation juridique de la société.

**Article 46: Responsabilité pour dénomination sociale d'une société mal écrite**

Lorsque la dénomination sociale d'une société est mal rédigée dans un document qui constate ou crée une obligation juridique de ladite société, et que ledit document est délivré ou signé par la société ou pour son compte, quiconque a délivré ou signé ce document est responsable au même titre que la société, à moins que la personne ayant délivré ou signé ce document prouve que la personne en faveur de laquelle l'obligation est née était informée, lors de la délivrance ou de la signature dudit document que l'obligation incombait à la

umukono, umuntu washyirirwagaho iyo nshingano yari azi neza ko iyo nshingano izabazwa isosiyete.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Itangazwa ry'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete**

Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), buri nyandiko itanzwe cyangwa ishyizweho umukono n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo rya mbere y'isohoka ry'itangazo ku ihinduka ry'izina ryayo, iyo isosiyete igomba kureba neza ko inyandiko igaragaza:

1° ko izina ry'isosiyete ryahindutse muri icyo gihe;

2° n'izina cyangwa amazina ya kera y'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 48</u>: Igihe isosiyete itinze guhindura izina mu gihe cyagenwe**

Igihe isosiyete idahinduye izina mu gihe kigenwe mu imenyeshwa, Umwanditsi Mukuru ashobora kwandika isosiyete ku izina rishya yahisemo we ubwe kandi iryo zina rigafatwa nk'izina ryanditswe ry'isosiyete nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

**<u>Article 47:</u> Notification of change of a company name**

Following a company's release of a public notice indicating that the name of the company has been changed, the company ensures that for a period of twelve (12) months each document issued or signed on behalf of the company states:

1° the name of the company being changed in that period;

2° the former name or names of the company.

**<u>Article 48:</u> Delay to change a company name within a specified period**

In case a company does not change its name within a period specified in the notice, the Registrar General may register the company under a new name decided upon by himself/herself and that name shall be considered as the company's registered name under this Law.

société.

**<u>Article 47</u>: Notification du changement de dénomination sociale d'une société**

Dans un délai de douze (12) mois, tout document délivré ou signé par la société ou pour son compte avant l'avis au public de la société sur le changement de la dénomination sociale de la société, celle-ci doit s'assurer que le document précise :

1° que le changement de la dénomination sociale de la société a eu lieu dans ce délai;

2° l'ancienne ou les anciennes dénominations sociales de la société.

**<u>Article 48</u>: Retard de changer la dénomination sociale dans un délai prévu**

Si la société ne change pas sa dénomination sociale dans le délai spécifié par l'avis, le Registraire Général peut procéder à l'enregistrement de la société sous une nouvelle dénomination sociale qu'il choisit lui-même et qui est réputé être la dénomination sociale de la société conformément à la présente loi.

**<u>Ingingo ya 49:</u> Uburyo bwo kugirana amasezerano**

Amasezerano cyangwa indi nshingano igomba kurangizwa ishobora gushyirwaho n'isosiyete ku buryo bukurikira:

1° inshingano iteganywa n'itegeko y'uko yakagombye gushyirwaho mu buryo bw'inyandiko ishobora gushyirwaho n'isosiyete mu nyandiko ishyizweho umukono mu mwanya w'isosiyete na:

a) abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete babiri (2) cyangwa barenga igihe ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;

b) ugize Inama y'Ubutegetsi umwe cyangwa umwanditsi cyangwa bombi;

c) igihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite umuyobozi umwe gusa, n'uwo muyobozi,

d) undi muntu ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu, cyangwa itsinda ry'abantu, iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete

**<u>Article 49:</u> Method of contracting**

A contract or other enforceable obligation is entered into by a company as follows:

1° an obligation that the law requires to be made by written contract is entered into on behalf of the company in writing signed under the name of the company by:

a) two (2) or more directors of the company in the case of a public company;

b) one director and/or the secretary;

c) the director, in the case of a private company with only one director; or

d) any one director, or any other person or group of persons, if the company's incorporation documents so

**<u>Article 49</u>: Mode contractuel**

Un contrat ou autre obligation exécutoire sont conclus par une société comme suit :

1° l'obligation qui doit être faite par un contrat écrit tel que requis par la loi est contractée pour le compte de la société dans un écrit signé pour le compte d'une société par :

a) deux (2) ou plusieurs administrateurs de la société dans le cas d'une société publique;

b) un administrateur ou le secrétaire ;

c) un administrateur, dans le cas d'une société privée qui n'a qu'un seul administrateur;

d) tout administrateur ou toute autre personne ou groupe de personnes, si les documents constitutifs de la société le

ari uko zibiteganya;

e) intumwa imwe cyangwa nyinshi zishyirwaho n'isosiyete hakurikijwe iri tegeko;

2° inshingano yindi yose ishobora gushyirwaho mu izina ry'isosiyete n'undi muntu wese uyikorera, yagenwe mu buryo bweruye cyangwa buteruye.

Igika cya mbere gikurikizwa ku masezerano cyangwa inshingano iyo:

1° amasezerano yakorewe mu Rwanda cyangwa inshingano zarashyiriweho mu Rwanda cyangwa ahandi;

2° mu gihe itegeko rigenga amasezerano cyangwa inshingano ari itegeko ry'u Rwanda cyangwa atari iry'u Rwanda.

**Ingingo ya 50: Ububasha *bw'*intumwa y'isosiyete bwo gushyira umukono ku nyandiko**

Isosiyete ishobora guha umuntu mu nyandiko ububasha bwo gushyira umukono ku nyandiko mu izina ryayo mu buryo bwa rusange cyangwa ku bintu bigenwe, nk'intumwa yayo.

provide;

e) an attorney appointed by the company in accordance with this Law;

2° any other obligation is entered into on behalf of the company by any person acting under its express or implied authority.

Paragraph One of this Article applies to a contract or other obligation:

1° whether or not the contract or obligation was entered into in Rwanda; and

2° whether or not the law governing the contract or obligation is the law of Rwanda.

**Article 50: Power of company's attorney to sign documents**

A company may, in writing, empower any person, either generally or in respect of any specified matters, as its nominee, to sign documents on its behalf.

prévoient ainsi ;

e) un ou plusieurs mandataires nommés par la société conformément à la présente loi ;

2° toute autre obligation est contractée pour le compte d'une société par toute personne agissant sous sa permission expresse ou implicite.

L'alinéa premier du présent article s'applique à un contrat ou une autre obligation si :

1° le contrat ou l'obligation ont été ou non conclus au Rwanda ;

2° la loi régissant le contrat ou l'obligation est ou non la loi du Rwanda.

**Article 50: Pouvoir du mandataire d'une société de signer les documents**

Une société peut, par écrit, habiliter une personne, soit de façon générale, soit à l'égard des questions données, à signer des documents en son nom en tant que son mandataire.

Inyandiko ishyizweho umukono n'intumwa mu izina ry'isosiyete yitirirwa isosiyete.

**Ingingo ya 51: Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete**

Amasezerano ya mbere y'ishingwa ry'isosiyete ashobora kwemezwa n'iyo sosiyete nyuma y'uko ishinzwe, bityo iyo sosiyete ikaba igomba kuyubahiriza no kuyakuramo inyungu nk'aho yaba yari iriho ku itariki ayo masezerano ya mbere y'ishingwa yakoreweho, kandi nk'aho ari yo yayakoze.

Amasezerano ya mbere y'ishingwa ry'isosiyete, ashobora kwemezwa mu gihe giteganywa muri ayo masezerano, cyangwa mu gihe nta gihe giteganywamo, iyemezwa ryayo rikaba mu gihe gikwiye nyuma y'ishingwa ry'isosiyete ayo masezerano yakozwe mu izina ryayo.

Mbere yo kwemezwa n'isosiyete, umuntu wiyitiriye igikorwa mu izina cyangwa mu mwanya w'isosiyete, ni we ugomba kwirengera ku giti cye amasezerano ya mbere y'ishingwa ry'isosiyete kandi akaba ari we uyakuramo inyungu, igihe nta masezerano agaragara abivuguruza ahari.

Amasezerano ya mbere y'ishingwa ry'isosiyete yemezwa na yo mu buryo bumwe amasezerano

A document signed by the nominee on behalf of the company binds the company.

**Article 51: Pre-incorporation contracts**

A pre-incorporation contract may be ratified by the company after its incorporation and thereupon the company is bound by it and entitled to the benefit of it as if the company had been in existence at the date of the pre-incorporation contract and had entered into it.

A pre-incorporation contract may be ratified within such period as may be specified in the contract, or if no period is specified, then within a reasonable time after the incorporation of the company in the name of which, or on behalf of which, it has been made.

Before ratification by the company the person who purported to act in the name or on behalf of the company is, in the absence of express agreement to the contrary, personally bound by the pre-incorporation contract and entitled to the benefit of it.

A pre-incorporation contract is ratified by a company in the same manner as a contract or

Un document signé par un mandataire au nom de la société lie la société.

**Article 51: Contrats antérieurs à la constitution en société**

Un contrat antérieur à la constitution en société peut être entériné par la société après sa constitution, et dès lors la société est liée par ce contrat et a le droit d'en bénéficier, comme si la société existait à la date du contrat antérieur à la constitution en société et comme si elle l'avait conclu.

Un contrat antérieur à la constitution en société peut être entériné dans le délai prévu dans ledit contrat, ou si aucun délai n'y est prévu, il est entériné dans un délai raisonnable après la constitution de la société au nom ou pour le compte de laquelle il a été conclu.

Avant d'être entériné par la société, la personne qui prétendait agir au nom ou pour le compte de la société est, en l'absence de convention expresse contraire, personnellement liée par le contrat antérieur à la constitution en société et a le droit d'en bénéficier.

Un contrat antérieur à la constitution en société est entériné par celle-ci de la même

cyangwa indi nshingano bishobora gushyirwaho n'isosiyete hakurikijwe iri tegeko.

Umwe mu bagiranye amasezerano yakozwe mbere y'uko isosiyete ishingwa, nyuma yo kwandikwa ntiyemeze ingingo zose ziyagize cyangwa igice cyayo, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA III: IMIGABANE N'IMIGABANE NGUZANYO**

**Icyiciro cya mbere: Kugura imigabane n'imigabane nguzanyo**

**Ingingo ya 52: Guhamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo**

Guhamagarira rubanda gufata imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ni inyandiko cyangwa ubundi buryo buhamagarira abantu, baba abo mu cyiciro iki n'iki cyangwa se rubanda muri rusange, n'iyo byaba byakwitabirwa gusa n'abo byagenewe.

Gusaba kugura bishobora gukorwa hakurikijwe uko biteganyijwe muri iryo hamagara, kugura bigakorwa gusa n'umuntu wagejejweho ihamagara ryo kugura. Icyakora, ihamagara ryo kugura imigabane cyangwa imigabane

other enforceable obligation may be entered into by a company under this law.

A party to a pre-incorporation contract that is not approved in all or a part of its provisions by the company after its registration may file a claim to the competent court.

**CHAPTER III: SHARES AND DEBENTURES**

**Section One: Subscription for shares and debentures**

**Article 52: Public invitation to subscribe for shares and debentures**

A public invitation to subscribe for shares or debentures is construed as a document or any means whether intended to a particular section of the public or to the public in general even though such invitation is accepted by the targeted public.

An offer may be made pursuant to the invitation only by a person to whom the invitation is issued. However, the invitation to subscribe for shares or debentures issued *bona fide* shall not be construed to be

manière qu'un contrat ou une obligation exécutoire peut être conclu par une société conformément à la présente loi.

Une partie au contrat antérieur à la constitution en société qui n'est pas entériné en tout ou en partie par la société, après son enregistrement peut saisir une juridiction compétente.

**CHAPITRE III: ACTIONS ET OBLIGATIONS**

**Section première: Souscription d'actions et d'obligations**

**Article 52: Invitation au public à la souscription d'actions et d'obligations**

Une invitation au public à la souscription d'actions ou d'obligations est assimilée à un document ou tout autre moyen destinés à un public bien ciblé ou au public en général quand bien même cette invitation serait accepté par le public visé.

L'offre peut se faire conformément à l'invitation, mais uniquement par une personne à qui l'invitation a été adressée. Toutefois, l'invitation de souscrire les actions ou les obligations émises de bonne foi ne peut

nguzanyo ryakozwe nta buriganya ntirifatwa nk'aho ryakorewe rubanda iyo ari:

1° inyandiko isaba gukorana amasezerano yo kwishingira igurishwa ry'imigabane isanzwe n'imigabanenguzanyo;

2° inyandiko igenewe umuntu usanzwe akora akazi ko kugura no gucuruza imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo yaba ari we ubwe cyangwa intumwa ye;

3° inyandiko igenewe abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo ikaba yerekeranye n'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo y'iyo sosiyete.

Umwanditsi Mukuru atanga amabwiriza arebana n'uburyo kugura imigabane nguzanyo bikorwamo.

**Ingingo ya 53: Inyandiko ifatwa nk'migabane nguzanyo**

Inyandiko yose itanzwe ihamagarira rubanda kuguriza isosiyete amafaranga cyangwa kubitsamo amafaranga ifatwa nk'ihamagarira abantu kugura imigabane nguzanyo.

intended for the public where it is:

1° an offer to enter into an underwriting agreement for selling shares and debentures;

2° made to a person whose ordinary business is to buy and sell shares or debentures whether as principal or agent;

3° made to existing shareholders or debenture holders of a company and relates to shares or debentures of that company.

The Registrar General issues instructions on procedures related to the subscription for debentures.

**Article 53: Document deemed debentures**

Any invitation to the public to deposit money with or to lend money to a company is deemed to be an invitation to subscribe for or purchase debentures of the company.

être considérée comme étant faite au public si elle est :

1° une offre de conclusion d'une convention de souscription pour la vente d'actions et d'obligations;

2° une offre faite à une personne dont l'activité habituelle consiste en l'achat et en la vente des actions ou des obligations à titre de principal ou de mandataire;

3° une offre faite aux actionnaires ou obligataires actuels de la société et relative aux actions ou aux obligations de cette société.

Le Registraire Général émet des instructions relatives à la procédure de souscription d'obligations.

**Article 53: Document considéré comme obligations**

Est considérée comme une invitation au public à la souscription ou achat d'obligations d'une société toute invitation au public à déposer ou prêter de l'argent à la société.

Inyandiko yose ikozwe n'isosiyete, igamije cyangwa isabwa gukorwa na yo, yemeza cyangwa itanga ikimenyetso cy'umwenda cyangwa igize ikimenyetso cy'umwenda isosiyete irimo werekeranye n'amafaranga yahawe cyangwa yagurijwe cyangwa se ishobora guhabwa cyangwa kugurizwa bikurikije ihamagarira rubanda ryo kuyiguriza cyangwa kuyibitsamo amafaranga, yitwa inyandiko y'umugabane nguzanyo.

Any document that is issued or intended or required to be issued by a company acknowledging or evidencing or constituting an acknowledgement of the indebtedness of the company in respect of any money that is or may be deposited with or lent to the company in response to a public invitation shall be deemed a debenture.

Tout document émis ou à émettre ou à devoir émettre par la société en guise de reconnaissance ou de preuve ou de constitution de preuve d'endettement de la société en rapport avec tout argent déposé ou pouvant être déposé ou prêté ou pouvant être prêté à la société suite à une invitation au public est considéré comme une obligation.

## Icyiciro cya 2: Ubwoko n'isaranganywa by'imigabane

## Section 2: Nature and allotment of shares

## Section 2: Nature et attribution d'actions

### Akiciro ka mbere: Imigabane n'isaranganywa ryayo

### Subsection One: Shares and their allotment

### Sous-section première: Actions et leur attribution

**Ingingo ya 54: Ibiranga imigabane**

Imigabane y'isosiyete:

1° ni umutungo bwite;

2° ntiri mu mitumgo itimukanwa;

3° ishobora gusaranganywa;

4° iha abanyamigabane uburenganzira buteganywa muri iri tegeko no mu nyandiko z'iyandikisha ry'isosiyete; kandi

**Article 54: Characteristics of shares**

Shares in a company:

1° are personal property;

2° are not in the nature of immovable property;

3° can be allotted;

4° confer to shareholders the rights provided in this law and in the company's incorporation documents;

**Article 54 : Caractéristiques des actions**

Les actions d'une société :

1° sont des biens personnels ;

2° ne sont pas dans la nature de biens immeubles ;

3° peuvent être attribuées ;

4° confère aux actionnaires des droits prévus par la présente loi et dans les documents constitutifs de la société;

5° ihererekanywa hitawe ku buryo inyandiko z'ishingwa rya sosiyete ziteganya uko uburenganzira bugabanywa cyangwa bugenerwa aho bugarukira.

**Ingingo ya 55: Ubwoko bw'imigabane**

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete ishobora gushyira imigabane itanga mu byiciro bitandukanye. Imigabane mu isosiyete ishobora:

1° kuba imigabane isanzwe;

2° kuba imigabane isosiyete yakwisubiza iyiguze ;

3° imigabane itanga uburenganzira bwo kurutishwa abandi mu gihe cy'isaranganya ry'imari shingiro cyangwa ibindi sosiyete yinjije;

4° imigabane itanga uburenganzira bwihariye, bucagase cyangwa bufite ibindi busaba kubahiriza mu gihe cy'amatora;

5° imigabane idatanga uburenganzira bwo gutora ubwo ari bwo bwose.

5° are transferable subject to any restrictions or limitations set out in the company's incorporation documents.

**Article 55: Types of shares**

Subject to the provisions of company's incorporation documents, different classes of shares may be issued in a company. The shares in a company may:

1° be ordinary;

2° be redeemable;

3° confer preferential rights to distributions of capital or income;

4° confer special, limited or conditional voting rights;

5° not confer any voting rights.

5° sont cessibles sous réserve des restrictions ou des limitations stipulées dans les documents constitutifs de la société.

**Article 55: Types d'actions**

Sous réserve des documents constitutifs de la société, différentes catégories d'actions peuvent être émises dans une société. Les actions dans une société peuvent :

1° être des actions ordinaires;

2° être des actions rachetables;

3° conférer les droits préférentiels dans la distribution du capital social ou des revenus;

4° conférer des droits de vote spéciaux, limités ou conditionnels;

5° ne pas conférer aucun droit de vote.

**Ingingo ya 56: Kugira konti ya buri bwoko bw'imigabane**

Buri sosiyete igomba kugira konti mu gitabo cy'ibaruramari ya buri cyiciro cy'imigabane igaragaza amazina na aderesi by'abanyamigabane n'umubare, ubwoko n'icyiciro by'imigabane ya buri wese.

Isosiyete ntishobora kugabanya imari shingiro yayo, keretse mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Ingingo z'iri tegeko zigenga iby'imari shingiro yatangajwe ntizireba isosiyete yemerewe gukora nk'ikigega rusange cyemerewe gushora imari.

Imari shingiro y'isosiyete igomba guhabwa agaciro mu mafaranga y'u Rwanda.

**Ingingo ya 57: Konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane**

Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga yatanzwe hari andi mafaranga yiyongera ku gaciro kayo, byaba ari ukwishyura mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, umubare wose w'ayo mafaranga yiyongera kuri iyo

**Article 56: Maintaining an account for each class of shares**

A company shall maintain in the book of accounts a stated capital account for each class of shares it issues stating the names and addresses of all shareholders and the number, type and class of shares held by each.

A company shall not reduce its stated capital except as provided under this law.

The provisions of this Law relating to stated capital shall not apply to a company which is an authorized mutual fund.

The share capital of a company shall be expressed in Rwandan francs.

**Article 57: Share premium account**

Where shares having a par value are issued at a premium, whether for cash or otherwise, a sum equal to the aggregate amount or value of the premiums on those shares shall be transferred to an account to be called "the

**Article 56: Tenue d'un compte pour chaque catégorie d'actions**

Toute société doit avoir dans ses livres comptables un compte de capital déclaré pour chaque catégorie d'actions émises par elle indiquant les noms et adresses de tous les actionnaires et le nombre, le type et la catégorie des actions détenues par chacun.

Aucune société ne doit réduire son capital déclaré, sauf dans les conditions prévues par la présente loi.

Les dispositions de la présente loi portant sur le capital déclaré ne s'appliquent pas à une société autorisée à fonctionner comme un fonds collectif agréé.

Le capital déclaré d'une société doit être exprimé en francs rwandais.

**Article 57: Compte de primes d'émission**

Lorsque les actions à valeur nominale sont émises à prime, que ce soit en numéraire ou autrement, la somme équivalente au montant total ou à la valeur totale des primes d'émission de ces actions doit être transférée

migabane ugomba gushyirwa kuri konti yitwa “konti igaragaza ihindagurika ry’agaciro k’imigabane”, kandi ingingo z’iri tegeko zerekeye imari shingiro y’isosiyete n’izerekeranye n’igabanuka ry’imari shingiro y’isosiyete zigomba gukurikizwa.

Iyo imigabane yatanzwe yahawe agaciro mu mafaranga itishyuwe ako kanya, noneho amafaranga atangwa akaruta ayagenewe agaciro k’iyo migabane, ikinyuranyo hagati y’amafaranga y’agaciro k’iyo migabane n’ayakiriwe kuri iyo migabane kigomba gushyirwa kuri konti igaragaza ihindagurika ry’agaciro k’imigabane.

Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga, konti igaragaza ihindagurika ry’agaciro k’imigabane ishobora, hatitawe ku byavuzwe byose mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, gufungurwa n’isosiyete kugira ngo hishyurwe imigabane yayo igomba gutangwa ku buryo bwuzuye.

**<u>Ingingo ya 58</u>: Amafaranga yo kwishyura hakoreshejwe konti yagenewe imigabane na konti igaragaza ihindagurika ry’agaciro k’imigabane**

Konti yahariwe imari shingiro, harimo n’igihe imigabane ifite agaciro mu mafaranga, konti

share premium account” and the provisions of this law relating to the stated capital of the company and relating to the reduction of the share capital of the company shall apply.

Where shares having a par value are issued for a consideration other than cash and the value of that consideration is more than the par value of such shares, the difference between the par value of the shares and the value of the shares so acquired is transferred to the share premium account.

In the case of shares having a par value, the share premium account may, notwithstanding anything contained in paragraph one of this article, be applied by the company to paying up shares of the company to be issued to shareholders of the company as fully paid shares.

**<u>Article 58:</u> Expenses paid using stated capital account or share premium account**

The stated capital account, including in case of shares having a par value, the share

sur un compte appelé « compte de primes d’émission » et les dispositions de la présente loi relatives au capital social déclaré d’une société et à la réduction de capital social d’une société s’appliquent.

Lorsque les actions à valeur nominale sont émises en contrepartie d’apports autres qu’en numéraire et que la valeur de cette contrepartie est supérieure à la valeur nominale de ces actions, la différence entre la valeur nominale de ces actions et la valeur des actions ainsi acquises doit être transférée sur le compte de primes d’émission.

Au cas où les actions sont à valeur nominale, le compte de primes d’émission peut, nonobstant les dispositions de l’alinéa premier du présent article, être créé par la société pour la libération des actions de la société à émettre aux actionnaires de la société en tant qu’actions entièrement libérées.

**<u>Article 58</u>: Dépenses à payer à travers un compte en capital déclaré et un compte de primes d’émission**

Le compte en capital déclaré, y compris le cas des actions à valeur nominale et le compte de

igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane, bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi babona ko nyuma y'ubusabe isosiyete yashobora kwishyura imyenda, zishobora gusabirwa mu nyandiko gukoreshwa na sosiyete kugira ngo yishyure:

1° ibyaguzwe by'ibanze n'isosiyete,

2° amafaranga n'ibihembo bijyanye n'igenwa cyangwa itangwa ry'imigabane.

**<u>Ingingo ya 59 :</u> Igabanywa ry'uburenganzira mu itangwa ry'imigabane**

Isosiyete ntiyemerewe gutanga :

1° umugabane ufite agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari mu mafaranga ;

2° umugabane ushobora guhamagarirwa kugurishwa ;

3° umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze mu gihe hatabayeho isaranganya ry'imigabane y'isosiyete idashobora kwisubizwa na sosiyete iyiguze.

Iyo isosiyete isaranganya imigabane ifite agaciro mu mafaranga :

premium account may, provided the directors are satisfied that the company will immediately after the application satisfy the solvency test, be applied by the company in writing off:

1° the preliminary expenses of the company;

2° the expenses of, or the commission paid on, the creation or issue of any such shares.

**<u>Article 59:</u> Restrictions on allotment of shares**

A company shall not allot:

1° a share with a nominal or par value;

2° a share which is subject to calls;

3° a redeemable share at a time when there are no allotted shares of the company which are not redeemable.

If a company allots par value shares:

primes d'émission peuvent, dès lors que les administrateurs estiment que la société pourra, immédiatement après la demande, satisfaire au test de solvabilité, être utilisés par la société pour payer:

1° les dépenses préliminaires de la société;

2° les frais et les commissions payés lors de la création et de l'émission des actions.

**<u>Article 59</u> : Restrictions sur l'attribution d'actions**

Une société ne doit pas attribuer :

1° une action a valeur nominale ou au pair;

2° une action susceptible d'appels ;

3° une action rachetable du moment qu'il n'y a pas d'actions attribuées d'une société qui ne sont pas rachetables.

Si une société attribue des actions à valeur nominale :

1° umugabane witiriwe ko utangiwe agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari mu mafaranga ufatwa nk'umugabane udafite agaciro mu mafaranga, utanzwe ku giciro nyacyo cy'umugabane kirimo n'agaciro kose kaba karahindutse ;

2° umugabane witiriwe kuba wahamagarirwa kugurwa ufatwa nk'aho wishyuwe byuzuye ; naho

3° umugabane witiriwe ko utanzwe nk'umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze ufatwa nk'umugabane isosiyete idashobora kwisubiza.

1° a share purportedly allotted with a nominal or par value is deemed to be a share of no nominal or par value, allotted at its actual allotment price, including any purported premium;

2° a share purportedly allotted subject to calls is deemed to be fully paid;

3° a share purportedly allotted as redeemable, is deemed to be not redeemable.

1° une action prétendument attribuée avec une valeur nominale ou au pair est réputée être une action sans valeur nominale ou au pair attribuée à son prix réel, y compris toute prétendue prime ;

2° une action prétendument attribuée en tant que susceptible d'appels est réputée être entièrement libérée ;

3° une action prétendument attribuée comme rachetable est réputée être non rachetable.

**<u>Ingingo ya 60:</u> Kwemeza itangwa ry'imigabane**

Haseguriwe ibyateganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'ikurwaho ry'amahitamo y'abanyamigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane riteganywa mu ngingo ya 210 y'iri tegeko, isosiyete ishobora gutanga imigabane igihe cyose byemejwe n'abanyamigabane mu mwanzuro usanzwe, cyangwa byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, hagaragazwa :

**<u>Article 60:</u> Authorisation to allot shares**

Subject to any restrictions in its incorporation documents or any opt out by the shareholders of a private company provided for under article 210 of this law, a company may allot shares from time to time as authorised by the shareholders through an ordinary resolution, or in the case of a public company by the Board of Directors specifying:

**<u>Article 60</u>: Autorisation d'attribution d'actions**

Sous réserve de toutes restrictions dans ses documents constitutifs ou de toute option de retrait des actionnaires d'une société privée prévu à l'article 210 de la présente loi, une société peut, à tout moment, attribuer des actions sur autorisation des actionnaires par une résolution ordinaire ou du Conseil d'administration dans le cas d'une société publique, précisant :

1° uburenganzira, akarusho, igabanywa ry'uburenganzira n'ibisabwa bijyanye na buri mugabane utangwa, ndetse no kuba umugabane ushobora guhererekanywa ;

2° umubare ntarengwa w'imigabane itangwa ; n'

3° itariki ububasha bw'itangwa ry'imigabane buzarangiriraho iyo yagenywe.

Umwanzuro w'itangwa ry'imigabane ushyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi wemejwe.

**<u>Ingingo ya 61 :</u>Uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi**

Abanyamigabane b'isosiyete bagira uburenganzira bwo kugura mbere y'abandi imigabane mishya itannzwe y'isosiyete nk'uko bitegnywa n'iyi ngingo. Ubwo burenganzira ni ubwo kugura imigabane itanzwe bundi bushya hagereranyijwe n'imigabane abanyamigabane basanzweho basanganywe, ku giciro kitari munsi y'icyo abandi baguzi batanga, mu buryo kandi butuma uburenganzira bw'abo banyamigabane buguma uko bisanzwe cyangwa bwiyongera mu gihe cyo gutora cyangwa

1° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each share to be allotted, and its transferability,

2° the maximum number of shares to be allotted;

3° the date, if any, when such authority expires.

The resolution on the allotment of shares shall be delivered to the Registrar General within fifteen (15) working days as of its adoption.

**<u>Article 61:</u> Pre-emption rights**

Shareholders of a company have a pre-emption right to acquire newly-issued shares of a company as provided in this Article. The right is to acquire the newly-issued shares pro rata in proportion to the shares already held by such existing shareholders, at a price no less favourable than that offered to other persons, and on terms which maintain or increase the relative voting and distribution rights of those existing shareholders.

1° les droits, privilèges, restrictions et conditions rattachées à chaque action à attribuer et sa cessibilité ;

2° le nombre maximal d'actions à attribuer ;

3° la date, le cas échéant, de l'expiration de cette autorisation.

La résolution sur l'attribution d'actions est transmise au Registraire Général dans les quinze (15) jours ouvrables suivant son adoption.

**<u>Article 61 :</u> Droits de préemption**

.Les actionnaires d'une société ont un droit de préemption pour acquérir des actions nouvellement émises d'une société tel que prévu dans le présent article. Le droit est d'acquérir les actions nouvellement émises au prorata des actions déjà détenues par des actionnaires existants, à un prix qui n'est pas moins favorable que celui offert aux autres personnes et selon les modalités permettant de maintenir ou d'accroître les droits de vote relatifs et les droits de distribution de ces

cy'igabana.

Uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi buteganyijwe muri iyi ngingo ntibushobora kugabanywa cyangwa kuvanwaho n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete.

Isosiyete iha buri munyamigabane usanzweho inyandiko y'imenyekanisha ry'itangwa ry'imigabane riteganyijwe igaragaza nibura umubare w'imigabane igiye gutangwa, igiciro giteganyijwe cyangwa uburyo bw'igena ry'igiciro itangirwaho, n'igihe ntarengwa n'uburyo uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi bukoreshwamo. Icyo gihe kigomba kuba gifunguye mu gihe cy'amezi atatu (3). Amabwiriza yose n'ibikurikizwa bigomba kuba bimwe ku banyamigabane bose bafite ubwo burenganzira.

Imigabane ifitweho uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi itaguzwe n'abanyamigabane basanzweho ishobora guhabwa undi muntu wese mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'uko ihawe abanyamigabane basanzweho ku giciro kimwe n'ikijyanye no kubahiriza uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi.

Itangwa ry'imigabane ku giciro kiri hasi muri cya gihe cy'amezi atatu (3) cyangwa nyuma

The pre-emption rights provided for in this Article cannot be restricted or eliminated by a company's incorporation documents.

The company gives each existing shareholder advance notice of any proposed issuance stating, at a minimum, the number of shares to be issued, the proposed price or method of determining the price of issuance, and the time period and procedure for exercising the pre-emptive rights. Such offer shall remain open for a period of three (3) months. All rules and procedures for the exercise of the right shall be uniform for all shareholders having the right.

Shares subject to pre-emption rights that are not acquired by existing shareholders pursuant to such rights may be issued to any person for a period of three (3) months after having been offered to existing shareholders under this Article, at the same price as the price set for the exercise of pre-emption rights.

Any offer at a lower price during such three-month period, and any offer after such period,

actionnaires existants.

Les droits de préemption prévus au présent article ne peuvent pas être limités ou éliminés par les documents constitutifs de la société.

La société donne à chaque actionnaire existant un avis préalable de toute émission proposée indiquant, au minimum, le nombre d'actions devant être émises, le prix proposé, la méthode de détermination du prix d'émission ainsi que les délais et la procédure pour faire valoir les droits de préemption. Ces délais doivent rester ouverts pendant une période de trois (3) mois. Toutes les règles et procédures pour l'exercice doivent être uniformes pour tous les actionnaires ayant le droit.

Les actions soumises aux droits de préemption qui ne sont pas acquises par les actionnaires existants en vertu de ces droits peuvent être émises à une quelconque personne pour une période de trois (3) mois après avoir été offertes aux actionnaires existants conformément au présent article, au même prix que le prix fixé pour l'exercice des droits de préemption.

Toute offre à un prix inférieur au cours de cette période de trois (3) mois et toute offre au-delà

yacyo, bijyana n'ikoreshwa ry'uburenganzira bw'abanyamigabane basanzweho.

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa, gutanga imigabane hubahirijwe uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi ntibyubahirizwa mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane

**<u>Ingingo ya 62 :</u> Ingurane ku itangwa ry'imigabane**

Haseguriwe igabanywa ry'ingurane ku itangwa ry'imigabane ku masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane hakurikijwe iri tegeko, ubwishyu butangwa ku migabane ni amafaranga, impapuro zivunjwa amafaranga, amasezerano ku bizakorwa mu gihe kizaza, ibintu byimukanwa cyangwa umutungo utimukanwa cyangwa izindi nyandiko z'isosiyete.

Hatitawe ku kintu icyo ari cyose giteganywa mu nyandiko z'ishingwa ryayo, ariko haseguriwe ivanwaho ry'amahitamo yose y'abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane rigenwa n'iyi ngingo, mbere yo gutanga imigabane bitari ukuyicamo uduce, Inama y'Ubutegetsi:

1° ifata icyemezo ku ngurane imigabane

is subject to existing shareholders' rights under this Article.

Subject to the provisions of incorporation documents, the requirement to allot shares in accordance with shareholders' pre-emption rights does not apply in the case of a public company.

**<u>Article 62:</u> Consideration for allotment**

Subject to restrictions on consideration for public companies under this Law, the consideration for which a share is allotted may be cash, promissory notes, contracts for future services, moveable or immoveable property or other securities of the company.

Subject to the incorporation documents of a company or any opt out of this article by the shareholders of a private company, before a company allots shares other than a share split, the Board of Directors shall:

1° decide the consideration for which the

de cette période est soumise aux droits existants des actionnaires en vertu du présent article.

Sous réserve des dispositions documents constitutifs, l'obligation d'attribuer des actions conformément aux droits de préemption des actionnaires ne s'applique pas dans le cas d'une société publique

**<u>Article 62:</u> Contrepartie pour l'attribution d'actions**

Sous réserve des restrictions sur la contrepartie pour les sociétés publiques en vertu de la présente loi, la contrepartie pour laquelle une action est attribuée peut être en numéraire ou sous forme de billets à ordre, de contrats pour les services futurs, de biens meubles et immeubles ou d'autres titres de la société.

Sous réserve de toute disposition des documents constitutifs, mais sous réserve de non-application du présent article par les actionnaires d'une société privée, le Conseil d'Administration doit, avant qu'une société n'attribue des actions autres qu'un fractionnement d'actions:

1° décider de la contrepartie pour laquelle

igiye gutangirwaho n'uburyo igiye gutangwamo ;

2° kandi yemeza niba, mu bushishozi bwayo, ingurane n'uburyo by'isaranganywa ry'imigabane bibereye kandi bikwiye ku bw'isosiyete no ku bw'abanyamigabane basanzweho bose.

Abagize Inama y'Ubutegetsi batorera icyemezo bashyira umukono ku cyemezo kigaragaramo :

1° ingurane n'uburyo buteganyirijwe itangwa ry'imigabane ;

2° ko mu bushishozi bwabo, ingurane n'uburyo by'itangwa ry'imigabane bibereye kandi bikwiye ku bw'isosiyete no ku bw'abanyamigabane basanzweho bose;

3° ibidakorwa biteganywa mu ngingo ya 69 y'iri tegeko, iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

Mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva itariki umwanzuro wafashwe n'Inama y'Ubutegetsi, Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza Umwanditsi Mukuru icyemezo nk'uko giteganywa n'iri tegeko.

shares will be allotted and the terms on which they will be allotted;

2° resolve that in their opinion the consideration for and terms of the allotment are fair and reasonable to the company and to all existing shareholders.

The directors who vote in favour of the resolution sign a certificate stating:

1° the consideration for and terms of the proposed allotment;

2° that in their opinion, the consideration for and terms of the allotment are fair and reasonable to the company and to all existing shareholders; and

3° the restrictions set out in Article 69 of this Law, if the company is a public company.

Within fifteen (15) working days from the date of the resolution of the directors, the Board of Directors deliver a certificate in accordance with this article to the Registrar General.

les actions seront attribuées et les termes selon lesquels ils seront attribuées ;

2° résoudre que selon eux la contrepartie pour l'attribution et les conditions y relatives sont, selon l'avis de la société et de tous les actionnaires existants, équitables et raisonnables.

Les administrateurs votant en faveur de la résolution signent un certificat attestant :

1° la contrepartie de l'attribution proposée et les conditions y relatives;

2° qu'à leur avis, la contrepartie pour l'attribution et les conditions y relatives sont, quant à la société et à tous les actionnaires existants, équitables et raisonnables ;

3° les restrictions prévues à l'article 69 de la présente loi, si la société est une société publique.

Dans les quinze (15) jours ouvrables, le conseil d'administration soumet au Registraire Général un certificat conformément au présent article .

Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora igihe icyo ari cyo cyose gufata icyemezo cyo gutanga imigabane nk'uduce tw'umugabane, iryo tangwa ry'imigabane ritubahirije igika cya mbere n'icya 3 by'iyi ngingo.

**Ingingo ya 63 : Ibidakorwa mu itangwa ry'imigabane**

Hatitawe ku cyo ari cyo cyose mu nyandiko z'iyandikisha z'isosiyete, isosiyete ntishobora gukora amasezerano cyangwa indi nyandiko yashingirwaho hasabwa gusaranganya cyangwa hashobora gusabwa gusaranganya imigabane, keretse :

1° isosiyete yemerewe gusaranganya imigabane ;

2° isaranganywa ry'imigabane ryose isosiyete ishobora gusabwa gukora ryubahirije uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi buteganywa mu ngingo ya 61 ;

3° kandi abagize Inama y'Ubutegetsi baremeje ubwishyu n'uburyo bw'isaraganywa ry'imigabane.

Igika cya mbere cy'iyi ngingo ntigikurikizwa iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane abanyamigabane

The directors may at any time resolve to allot shares as a share split, and paragraphs 2 and 3 of this Article do not apply to such an allotment.

**Article 63: Restrictions to allotment of shares**

Notwithstanding anything in its incorporation documents, a company cannot enter into a contract or deed under which it is or may be required to allot any shares unless:

1° the company is entitled to allot shares;

2° any allotment of shares which the company may be required to make complies with pre-emption rights under Article 61 of this Law;

3° the directors have approved the payment for and terms of allotment.

Paragraph one of this Article does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of this

Les administrateurs peuvent à tout moment décider d'attribuer des actions après leur fractionnement, et les alinéas 2 et 3 du présent article ne s'appliquent pas à une telle attribution.

**Article 63: Restrictions relatives à l'attribution d'actions**

Nonobstant toute disposition de ses documents constitutifs, aucune société ne peut conclure un contrat ou un acte en vertu desquels elle est ou peut être obligée d'attribuer des actions quelconques, à moins que :

1° la société ait le droit d'attribuer des actions ;

2° toute attribution d'actions que la société peut ainsi être tenue de faire soit conforme aux droits de préemption en vertu de l'article 61 de la présente loi;

3° les administrateurs eussent approuvé le payement et les conditions de l'attribution.

L'alinéa premier du présent article ne s'applique pas dans le cas d'une société privée où les actionnaires ont renoncé à cette

bavanyeho ibisabwa muri icyo gika.

**Ingingo ya 64: Guhindura icyiciro cy'imigabane mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane**

Isosiyete ishobora igihe icyo ari cyo cyose guhindura icyiciro cyose cy'imigabane y'isosiyete mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane mu gihe byemejwe n'umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane.

Iyo habayeho guhindura imigabane biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, inyandiko isobanura ibyakurikijwe mu mihindurire y'imigabane ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo byandikwe mu minsi itarenze cumi n'ine (14) uhereye igihe iryo hindurwa ryemerejwe.

**Ingingo ya 65: Uburenganzira n'uburyozwe butagizweho ingaruka n'imigabane yahinduwe**

Imigabane ifite agaciro kuri buri mugabane yahinduwe mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane ntigira ingaruka ku burenganzira n'uburyozwe bujyanye n'iyo migabane.

By'umwihariko iryo hinduka ntirishobora kugira icyo ritera:

requirement.

**Article 64: Conversion of class of shares into shares of no par value**

A company may at any time, convert any class of shares of the company into shares of no par value through a special resolution of the shareholders..

In case of conversion of shares as provided in paragraph one of this Article, a notice of the terms of the conversion is given to the Registrar General for registration within fourteen (14) days of the approval of the conversion.

**Article 65: Rights and liabilities not affected by converted shares**

The converted shares do not affect the rights and liabilities attached to such shares.

In particular, such conversion does not affect:

exigence.

**Article 64: Conversion de la catégorie des actions en actions sans valeur nominale**

Toute société peut à tout moment convertir toute catégorie d'actions en actions sans valeur nominale toutes les fois que des actionnaires approuvent une résolution spéciale.

En cas de conversion d'actions prévue au premier alinéa du présent article, un avis décrivant les conditions de conversion des actions est remis au Registraire Général pour être enregistré dans les quatorze (14) jours de la date d'approbation de la conversion.

**Article 65: Droits et responsabilités non affectés par la conversion des actions**

Les actions converties n'affectent en aucun cas les droits et responsabilités obligations qui y sont rattachées.

En particulier, une telle conversion ne peut pas affecter :

1° ku kigomba kwishyurwa icyo ari cyo cyose kuri iyo migabane;

2° ku burenganzira bw'abafite imigabane bujyanye n'inyungu igabanywa na bo, itora cyangwa iyishyurwa igihe cy'iseswa ry'isosiyete cyangwa igabanuka ry'imari shingiro.

**Ingingo ya 66: Kwemera itangwa ry'imigabane**

Isosiyete ntigomba guha umuntu umugabane, iyo uwo mugabane wongera umwenda umuntu agomba isosiyete cyangwa ugatuma uwo muntu agirira isosiyete uburyozwe bushyashya, keretse iyo uwo muntu yemeye mu nyandiko gufata imigabane. Itangwa ry'imigabane ryose hatabayeho uko kuyemera nta gaciro riba rifite.

**Ingingo ya 67: Ihinduka ry'inyandiko z'ishingwa kubera itangwa ry'imigabane**

Iyo isosiyete itanze imigabane, Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko y'ihinduka ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye ku munsi w'iryo tangwa ry'imigabane.

1° any unpaid liability on such shares;

2° the rights of the holders of the shares in respect of dividends, voting, or repayment on winding up of a company or a reduction of share capital.

**Article 66: Consent to allotment**

A company shall not allot a share to any person if the allotment of that share increases liability of that person to the company or imposes new liability on that person unless that person has consented in writing to become the holder of that share. Any allotment of shares without such consent is void.

**Article 67: Alteration of incorporation documents as to allotment**

When a company makes an allotment of shares, the Board of Directors deliver to the Registrar General a notice of alteration of the company's incorporation documents within fifteen (15) working days from such an allotment.

1° toute obligation impayée à l'égard de ces actions;

2° les droits des actionnaires sur les dividendes, le vote ou le remboursement à la liquidation de la société ou à la réduction du capital social.

**Article 66: Consentement à l'attribution d'actions**

Une société ne doit pas attribuer une action à une quelconque personne, si l'attribution a pour effet d'accroître la dette de cette dernière vis-à-vis de la société ou de créer une nouvelle obligation pour elle, à moins que cette personne n'ait consenti par écrit à détenir cette action. Toute attribution d'actions sans un tel consentement est nulle est non avenue.

**Article 67: Modification des documents constitutifs suite à l'attribution d'actions**

Lorsqu'une société procède à l'attribution d'actions, le conseil d'administration remet au Registraire Général un avis de modification de ses documents constitutifs dans un délai de quinze (15) jours ouvrables à dater du jour d'une telle attribution.

**<u>Akiciro ka 2 :</u> Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete adahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane**

**<u>Ingingo ya 68 :</u> Igabanywa ry'uburenganzira bw'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane mu igurisha ry'imigabane**

Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ntigomba:

1° guhamagarira rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu kuyiguramo imigabane, byaba kuyiha amafaranga cyangwa kuyiha ku bundi buryo ingwate y'isosiyete y'ibintu byimukanwa iyo ari yo yose ;

2° gutanga imigabane cyangwa kwemera gutanga imigabane, byaba ku mafaranga cyangwa ku ngwate ya sosiyete y'ibintu byimukanwa ku bundi buryo hagamijwe ko ingwate zose cyangwa zimwe na zimwe zagurishwa rubanda cyangwa icyiciro runaka cya rubanda.

Nta na kimwe giteganywa n'iyi ngingo kigira ingaruka ku gaciro k'itangwa ry'imigabane iryo ari ryose cyangwa ak'igurishwa ry'ingwate, cyangwa ku gaciro k'amasezerano yo gutanga imigabane cyangwa kugurisha ingwate.

**<u>Subsection 2:</u> Special provisions relating to allotment of shares for private companies**

**<u>Article 68:</u> Restriction on public offers by private company**

A private company shall not:

1° offer to the public or any section of the public, whether for cash or otherwise any securities of the company;

2° allot shares or agree to allot shares, whether for cash or otherwise, any securities of the company with a view to all or any of the securities being offered for sale to the public or any section of the public.

Nothing in this article affects the validity of any allotment of shares or sale of securities, or of any agreement to allot shares or sell securities.

**<u>Sous-section 2:</u> Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés privées**

**<u>Article 68:</u> Restriction sur les offres publiques par une société privée**

Une société privée ne doit pas :

1° faire appel au public ou à une quelconque partie du public pour offrir, soit en numéraire ou autrement, des titres de la société ;

2° attribuer ou accepter d'attribuer des actions, que ce soit en numéraire ou autrement, tous titres de la société en vue de proposer à la vente la totalité ou une partie des titres au public ou à une quelconque partie du public.

Aucune disposition du présent article n'a d'incidence sur la validité de toute attribution d'actions ou de la vente de titres ou de tout accord d'attribuer des actions ou de vendre des titres.

**Akiciro ka 3 : Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane**

**Ingingo ya 69 : Igabanywa ry'ubwishyu bw'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ku byerekeye ingurane**

Iyo isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane yemeye nk'ubwishyu umugabane utangiwe ku nshingano iyi n'iyi yo kwishyura ifashwe n'umuntu, iyo nshingano ikaba yerekeranye n'uko uwo muntu cyangwa undi muntu yagira imirimo akorera cyangwa serivisi aha isosiyete cyangwa undi muntu, uhawe imigabane ni we ufite inshingano yo kwishyura isosiyete, ku bijyanye n'iyo migabane, umubare w'amafaranga ungana n'agaciro kayo n'inyungu kuri uwo mubare w'amafaranga.

**Ingingo ya 70 : Ibisabwa by'inyongera**

Iyo imigabane igiye gutangwa atari amafaranga ahita yishyurwa, abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bagomba kugaragaza, mu cyemezo gishyizweho umukono, agaciro kayo nyako mu mafaranga k'ingurane y'itangwa ry'imigabane.

Buri sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo

**Subsection 3: Special provisions relating to allotment of shares for public companies**

**Article 69: Restrictions on payment for public companies**

If a public company accepts as payment for which a share is allotted an undertaking given by a person that he/she or another person should do work or perform services for the company or any other person, the allottee is liable to pay the company in respect of those shares an amount equal to their value and interest on that amount.

**Article 70: Additional requirements**

If shares are to be allotted other than for cash immediately payable on allotment, the directors of a public company shall state the reasonable present cash value of the payment for the allotment in the certificate signed.

Every public company shall comply with any

**Sous-section 3: Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés publiques**

**Article 69: Restrictions sur le paiement pour les sociétés publiques**

Si une société publique accepte, comme paiement à l'égard duquel une action est attribuée, un engagement donné par une personne et selon lequel cette dernière ou une autre personne doit travailler ou prester des services pour la société ou toute autre personne, le bénéficiaire de l'attribution est tenu de payer la société relativement à ces actions, un montant égal à leur valeur et l'intérêt sur ce montant.

**Article 70 : Conditions supplémentaires**

Si les actions sont à attribuer d'une façon autre qu'en numéraire est sont payables immédiatement après attribution, les administrateurs d'une société publique doivent indiquer dans le certificat signé la valeur en numéraire actuelle raisonnable du paiement de l'attribution.

Chaque société publique doit se conformer à

imigabane igomba kubahiriza amabwiriza ariho y'Isoko ry'Imigabane yerekeye amatangazo ahamagarira rubanda gushora imari mu isosiyete, ibisabwa n'amabwiriza n'amategeko n'ibindi byangombwa bisabwa.

**Icyiciro cya 3 : Isaranganya, ihererekanya by'imigabane n'icyemezo cy'umugabane**

**Akiciro ka mbere : Itangwa ry'imigabane**

**Ingingo ya 71 : Uruhushya rw'Inama y'Ubutegetsi rwo gutanga imigabane**

Haseguriwe igabanyabubasha ryateganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko, Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ishobora gutanga uruhushya rw'uko sosiyete itanga imigabane igihe icyo ari cyose umubare uyu n'uyu w'amafaranga ku banyamigabane aba n'aba nk'uko ibona bikwiye, imaze kubona ko, nyuma y'itangwa, isosiyete igumana ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.

Abagize Inama y'Ubutegetsi batoreye itangwa bashyira umukono ku cyemezo cy'uko ku bwabo babona isosiyete izashobora kwishyura imyenda irimo nyuma y'tangwa ry'imigabane.

Iyo, nyuma yo kwemeza itangwa ry'imigabane,

legislation in force concerning the Capital Market public offers and issue of securities regulation as well as any prospectus requirements.

**Section 3: Distribution, transfer of shares and share certificates**

**Subsection One: Distribution of shares**

**Article 71: Authorization of distribution by the Board of Directors**

The Board of Directors of a company may, subject to any restrictions contained in the company's incorporation documents and this Law, authorise a distribution of shares by the company at such time and of such amount and to such shareholders as they deem fit provided that the Board of Directors is satisfied that the company will, after the distribution, satisfy the solvency test.

The directors who vote in favour of the distribution sign a certificate that in their opinion the company will, after the distribution, satisfy the solvency test.

If, after the distribution is authorised, and

toute législation en vigueur sur les offres publique du Marché des Capitaux et tout règlement d'émission de titres ainsi que toutes exigences relatives aux prospectus.

**Section 3: Distribution, cession d'actions et certificats d'actions**

**Sous-section première : Distribution d'actions**

**Article 71: Autorisation de distribution par le conseil d'administration**

Le conseil d'administration de la société peut, sous réserve des restrictions contenues dans les documents constitutifs de la société et dans la présente loi, autoriser une distribution des actions par la société au moment et au montant et aux actionnaires qu'ils jugent appropriés, pourvu que le conseil d'administration estime que la société sera, après la distribution, à mesure de satisfaire au test de solvabilité.

.Les administrateurs qui votent en faveur de la distribution des dividendes signent une attestation déclarant que, à leur avis, la société est en mesure de satisfaire au test de solvabilité, après la distribution.

Si, après avoir donné l'autorisation d'une

na mbere y'uko itangwa ry'imigabane rikorwa, Inama y'Ubutegetsi, mu bushishozi bwayo itakibona ko isosiyete, nyuma y'itangwa izaba igifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda, itangwa iryo ari ryo ryose ryakozwe n'isosiyete rifatwa nk'aho ryakozwe nta ruhushya.

Mu gusuzuma niba ubushobozi bwo kwishyura imyenda buhari hakurikizwa ibi bikurikira:

1° « imyenda » ifatwa nk'ikubiyemo amafaranga adahinduka yishyurwa ku migabane iri mu cyiciro kirebana n'itangwa agarurirwa ababanziriza abandi kwishyurwa ku migabane yo mu cyiciro cyisumbuye bitewe n'icyo itangwa ry'imigabane rikorewe ;

2° «uburyozwe » bufatwa nk'ubukubiyemo umubare w'amafaranga usabwa, mu gihe isosiyete yaba igiye kuvanwa mu gitabo cy'isosiyite itangwa ry'imigabane rikimara gukorwa, kugira ngo hubahirizwe umubare uhoraho wishyurwa n'isosiyete kuri ba nyirimigabane babanziriza abandi keretse iyo inyandiko z'ishingwa z'isosiyete zahaye abagize Inama y'Ubutegetsi ububasha bwo kubigena ukundi.

before it is made, the board of directors ceases to be satisfied on reasonable grounds that the company will, after the distribution satisfy the solvency test, any distribution made by the company is deemed not to have been authorised.

In applying the solvency test for the purposes of this Article:

1° "debts" are to be treated as including fixed preferential returns on shares ranking ahead of those in respect of which a distribution is made; and

2° "liabilities" are to be treated as including the amount that would be required, if the company were to be removed from the register of companies immediately after the time of distribution, to satisfy the fixed entitlements of all security holders at that time, or upon an earlier redemption; except where that fixed preferential return or entitlement is expressed in the incorporation documents as being subject to the power of the directors to make

distribution des dividendes mais avant qu'elle ait eu lieu, le Conseil d'Administration constate que la société risque ne pas satisfaire au test de solvabilité, toute distribution de dividendes faite malgré tout par la société doit être considérée comme n'ayant pas été autorisée.

En appliquant le test de solvabilité à des fins du présent Article :

1° les « dettes » sont considérées comme comprenant des rendements préférentiels fixes sur actions avant ceux pour lesquels une distribution est faite ; et

2° « le passif» sont considérés comme comprenant le montant qui serait requis, si la société devait être radiée du registre immédiatement après le moment de la distribution, pour satisfaire les droits fixes de tous les détenteurs de titres à ce moment-là, ou après un rachat anticipé, sauf si ce rendement préférentiel ou droit fixes sont spécifiés dans les documents constitutifs comme étant soumise au pouvoir du conseil d'administration de procéder à des distributions.

distributions.

Icyemezo gitangwa n'Inama y'Ubutegetsi kivugwa muri iyi ngingo nticyitabwaho iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igihe abanyamigabane bahisemo kureka icyo cyemezo.

The certificate issued by the Board of Directors provided under this article does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of the requirement of the certificate.

Le certificat délivré par le conseil d'administration visé au présent article ne s'applique pas dans le cas d'une société privée où les actionnaires ont renoncé à l'exigence de ce certificat.

**<u>Ingingo ya 72</u>: Itangwa ry'inyungu ku migabane**

Inama y'Ubutegetsi ntishobora kwemera itangwa ry'inyungu ku migabane:

1° hashingiwe ku migabane imwe mu cyiciro hadafashwe n'indi migabane yose iri muri icyo cyiciro; cyangwa

2° hatangwa amafaranga menshi ku migabane imwe kurusha indi yo mu cyiciro kimwe;

keretse mu gihe umubare w'amafaranga y'inyungu ku migabane ari make ugereranyije n'ayishyuwe isosiyete ku migabane.

Umunyamigabane ashobora kwemera kutakira inyungu ku migabane, akoresheje inyandiko yandikira isosiyete akayishyiraho umukono cyangwa igashyirwaho umukono mu izina rye.

**<u>Article 72:</u> Distribution of dividends**

The Board of Directors of a company shall not authorise a dividend:

1° in respect of some shares in a class, and not of others of that class; or

2° of a greater value per share in respect of some shares of a class than in respect of others of that class,

except where the amount of the dividend is proportional to the amount paid to the company in respect of the shares.

A shareholder may waive his/her entitlement to receive a dividend by notice in writing to the company signed by or on behalf of that shareholder.

**<u>Article 72</u>: Distribution des dividendes**

Le conseil d'administration ne peut pas autoriser la distribution d'un dividende :

1° à l'égard d'une partie des actions à l'exclusion d'autres actions d'une même catégorie; ou

2° d'un montant de valeur par action supérieur pour une partie des actions d'une catégorie au détriment d'autres actions de la même catégorie

sauf si le montant du dividende est réduit dans les proportions du montant payé à la société eu égard aux actions.

Un actionnaire peut renoncer à son droit au dividende par avis écrit adressé à la société et signé par l'actionnaire lui-même ou pour son compte.

Inyungu zishyurwa abanyamigabane mu gihe kitarenze iminsi miromgo itatu (30) nyuma y'aho Inama y'Ubutegetsi itangiye uruhushya kandi hamaze kwemezwa ubushobozi bw'isosiyete kwishyura imyenda yayo hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 71 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 73: Gutanga imigabane mu mwanya w'inyungu**

Haseguriwe ikindi cyateganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, Inama y'Ubutegetsi ishobora gutanga imigabane ku munyamigabane wemeye guhabwa imigabane yose cyangwa igice cyayo, aho guhabwa inyungu ku migabane yagenwe cyangwa, gusa ari uko:

1° itangwa ry'imigabane ryemejwe n'abanyamigabane b'isosiyete, keretse mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane kandi abanyamigabane barahisemo kudakurikiza ingingo ya 60 y'iri tegeko ;

2° uburenganzira bwo kwakira imigabane, mu mwanya w'inyungu ku migabane yagenwe cyangwa izagenwa bwarahawe abanyamigabane bose bo mu rwego rumwe kandi ku buryo bumwe;

A dividend must be paid to the shareholders not later than thirty (30) days after it has been authorized by the Board of Directors and subject to the satisfaction of the solvency test as provided in Article 71 of this law.

**Article 73: Allotment of shares in lieu of dividends**

Subject to any other provision in a company's incorporation documents, the Board of Directors may allot shares to any shareholder who has agreed to accept the allotment, wholly or partly, in lieu of the proposed dividend or proposed future dividends provided that:

1° the allotment of shares has been authorised by the shareholders of the company, unless in the case of a private company shareholders have opted out of article 60 of this Law;

2° the right to receive shares in lieu of the proposed dividends or proposed future dividends has been offered to all shareholders of the same class on the same terms;

Un dividende doit être versé aux actionnaires au plus tard trente (30) jours après qu'elle ait été autorisée par le conseil d'administration et sous réserve la satisfaction au test de solvabilité vertu de l'article 71 de la présente loi .

**Article 73: Attribution d'actions à la place de dividendes**

Sous réserve de toute autre disposition des documents constitutifs d'une société, le conseil d'administration peut attribuer des actions en faveur d'un actionnaire qui a accepté l'attribution, en tout ou en partie, des actions à la place des dividendes futurs proposés pourvu que:

1° l'attribution d'actions ait été autorisée par les actionnaires de la société, à moins que, pour une société privée, les actionnaires n'aient choisi de renoncer à l'application de l'article 60 de la présente loi;

2° le droit de recevoir des actions à la place des dividendes proposés ou des dividendes à proposer, ait été offert à tous les actionnaires de la même catégorie dans les mêmes conditions;

3° abanyamigabane batoranyijwe ngo bahabwe imigabane mu mwanya w'inyungu ku migabane, bagumana uburenganzira bwabo mu itora no mu igabana ry'inyungu;

4° abafite imigabane bahawe ubwo burenganzira bose bahawe uburyo buboneye bwo kubitekerezaho no kubyemera;

5° imigabane yagenewe buri munyamigabane itanzwe mu buryo bumwe kandi haseguriwe uburengannzira bumwe bw'uko imigabane itanzwe ku banyamigabane bose bo muri icyo cyiciro bemeye kwakira imigabane ; kandi

6° abagize Inama y'Ubutegetsi bubahirije ingingo ya 62 y'iri tegeko hatitawe kureka uburenganzira ubwo ari bwo bwose bw'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Kugabanyiriza abanyamigabane igiciro cy'imigabane**

Haseguriwe igabanya ry'uburenganzira ryose riteganywa mu nyandiko z'ishingwa ryayo, isosiyete ishobora kugabanyiriza igiciro abanyamigabane ku bintu bimwe cyangwa

3° the shareholders elected to receive the shares in lieu of dividends, preserve their relative voting and distribution rights;

4° the shareholders to whom the right is offered are afforded a reasonable opportunity of accepting it;

5° the shares allotted to each shareholder are allotted on the same terms and subject to the same rights as the shares allotted to all shareholders in that class who agree to receive shares;

6° the directors comply with Article 62 of this Law notwithstanding any opt out by the shareholders of a private company.

**<u>Article 74:</u> Shareholder discounts**

Subject to any restriction in the company's incorporation documents, a company may offer shareholders discounts in respect of some or all of the trading activities of the

3° tous les actionnaires choisis pour recevoir les actions à la place des dividendes conservent leurs droits au vote et à la distribution;

4° il soit donné aux actionnaires auxquels droit est offert, un temps raisonnable de l'accepter ;

5° les actions attribuées à chacun des actionnaires soient attribuées aux mêmes conditions et sous réserve des mêmes droits que les actions attribuées à tous les actionnaires de cette catégorie qui acceptent de recevoir des actions ;

6° les administrateurs se conforment à l'article 62 de la présente loi nonobstant tout renoncement de droits par les actionnaires d'une société privée.

**<u>Article 74:</u> Réduction de prix en faveur des actionnaires d'une société**

Sous réserve de toute restriction contenue dans les documents constitutifs, une société peut offrir des réductions de prix aux actionnaires à l'égard de toute ou partie des activités de

byose isosiyete igurisha.

Isosiyete ishobora kugabanya ibiciro bivugwa mu gika cya mbere gusa iyo abagize Inama y'Ubutegetsi babonye ko iryo gabanywa ry'ibiciro ritegurwa :

1° ryashoboraga gukorwa;

2° ritunganiye isosiyete ndetse n'abanyamigabane bose ;

3° rizaboneka ku banyamigabane bose mu buryo bumwe.

Igika cya 2 cy'iyi ngingo nticyubahirizwa iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane iyo abanyamigabane bahisemo kutubahiriza ibisabwa n'iri tegeko.

Nta gabanywa ry'ibiciro rishobora kwemerwa cyangwa gukomeza gukorwa iyo hari impamvu ifatika ituma hakekwa ko isosiyete idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.

**<u>Ingingo ya 75:</u> Kugaruza inyungu ku migabane yishyuwe**

Inyungu ku migabane zihawe umunyamigabane

company.

A company may only operate a discount scheme under paragraph one of this article if its directors have resolved that the proposed discounts:

1° should be offered;

2° are fair and reasonable to the company and to all shareholders;

3° are to be available to all shareholders on the same terms.

Paragraph 2 of this article shall not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of this requirement under this law.

No discount scheme may be approved or continued if there are reasonable grounds for believing that the company does not satisfy the solvency test.

**<u>Article 75:</u> Recovery of distributions**

A distribution to a shareholder made at a time

commerce de la société.

Une société ne peut faire une réduction des prix sur base de l'alinéa premier du présent article que si les administrateur ont résolu que les réductions proposées :

1° pourraient être offertes ;

2° sont, quant à la société et à tous les actionnaires, équitables et raisonnables;

3° sont disponibles à tous les actionnaires dans les mêmes conditions.

L'alinéa 2 du présent article ne s'applique pas à une société privée dont les actionnaires ont choisi de renoncer à l'application des exigences de la présente loi.

Aucune offre de réduction de prix ne peut être approuvée ni prolongée s'il y a de fortes raisons de croire que la société ne satisfait pas au test de solvabilité.

**<u>Article 75</u>: Recouvrement des distributions**

Une distribution à l'actionnaire faite au

isosiyete igahita itakaza ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo zishobora kwishyuzwa umunyamigabane keretse iyo uwo munyamigabane:

1° yakiriye nta buriganya inyungu yahawe atazi ko isosiyete itazashobora kwishyura imyenda irimo; n'iyo

2° yagize icyo ahindura cyerekeranye n'agaciro k'itangwa ry'inyungu, ku buryo harebwe ingaruka zose zabaho ku bandi bantu habaho ubusumbane mu kugaruza ibyishyuwe byose cyangwa bimwe muri byo, bitewe n'uko ibinti biteye.

Iyo habayeho kugabana inyungu kandi:

1° ibisabwa mu ngingo ya 71 y'iri tegeko ntibikurkizwa; cyangwa

2° nta mpamvu yumvikana yo gutanga icyemezo hakurikijwe ingingo ya 71 y'iri tegeko;

abagize Inama y'Ubutegetsi batafashe ingamba mu bihe byose zo kureba neza niba ibisabwa byose byujujwe, bagashyira umukono ku cyemezo, baryozwa buri wese ku giti cye, gusubiza sosiyete ibyasaranganyijwe, keretse

when the company did not immediately after the distribution satisfy the solvency test may be recovered by the company from the shareholder unless the shareholder:

1° received the distribution in good faith and without knowledge of the company's failure to satisfy the solvency test;

2° has altered his/her position in reliance on the validity of the distribution, so that having regard to all possible implications in respect of other persons it is inequitable to require repayment in whole or in part, as the case may be.

Where a distribution is made and, either:

1° the requirements of article 71 of this Law are not complied with;

2° there were no reasonable grounds to issue a certificate under article 65 of this law;

those directors who fail to ensure the requirements are complied with, or who sign the certificate, are personally liable to the company to restore the distribution, except in so far as it may be recovered from

moment où la société n'a pas pu, immédiatement après la distribution, satisfaire au test de solvabilité, peut être recouvrée par la société auprès de l'actionnaire, sauf si ce dernier:

1° a bénéficié de la distribution de bonne foi et sans savoir que la société ne satisfaisait pas au test de solvabilité ;

2° a modifié sa position en se fondant sur la validité de la distribution, de sorte que, vu toutes les implications possibles en ce qui concerne les autres personnes, il est injuste d'exiger le remboursement intégral ou partiel, le cas échéant.

Lorsqu'une distribution est faite, et soit :

1° les exigences de l'Article 71 de la présente loi ne sont pas remplies;

2° il n'existait pas de motifs raisonnables pour délivrer le certificat prévu à l'article 65 de la présente loi ;

les administrateurs qui n'ont pas pris les mesures pour s'assurer que les exigences sont remplies, ou qui ont signé le certificat, sont personnellement responsables devant la société du remboursement de la distribution, sauf dans

bishobora kwishyurwa n'abanyamigabane hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo.

Iyo hari ikirego icyo ari cyo cyose kireba ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane gishingiye kuri iyi ngingo, urukiko rukabona ko isosiyete yari ikwiriye kuba yarasaranganyije agaciro kari hasi katari gutuma inanirwa kwishyura imyenda irimo, urukiko rushobora:

4° est signé pour le compte de Conseil d'administration de la société par ses deux membres ou, s'il n'y a qu'un seul membre, par lui ;

et dans le cas d'une société publique, le rapport aussi:

1° indique les principales activités de la société et de ses filiales au cours de la période et tout changement significatif de ces activités au cours de cette période;

2° contient un examen juste de l'évolution des activités de la société et de ses filiales au cours de l'exercice comptable et de leurs positions à la fin de celui-ci.

L'exigence d'un rapport des membres du conseil d'administration ne s'applique pas dans le cas d'une société privée lorsque les actionnaires ont choisi de ne pas satisfaire à cette exigence.

**Ingingo ya 93: Andi makuru ahabwa abanyamigabane**

Abanyamigabane bagomba guhabwa amakuru yerekeye:

1° imigendekere y'inteko rusange z'abanyamigabane n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;

2° ibiteganywa mu ngingo ya 116 y'iri tegeko;

3° ibiteganywa n'ingingo ya 178 y'iri tegeko ku bisabwa mu kugura imigabane y'abanyamigabane mu buryo bwihariye keretse iyo abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bahisemo kutubahiriza ibisabwa.

Abanyamugabane bahabwa amakuru kugira ngo batange uruhushya rwerekeranye na:

1° ububasha bwo guhindura inyandiko z'ishingwa rya sosiyeti;

2° isabwa mu gutanga uburenganzira bw'icyiciro;

3° ibikorwa by'ubucuruzi bihamye;

**Article 93: Other disclosures to shareholders**

A disclosure shall be made to shareholders in accordance with:

1° proceedings at shareholders' meetings and the incorporation documents;

2° the provisions of Article 116 of this Law;

3° the provisions of Article 178 of this Law on requirements for special offers except if a private company shareholders have opted out of the requirements.

A disclosure must also be made, which is necessary, to seek shareholders authorisation as provided in this Law with respect to:

1° the power to alter company's incorporation documents;

2° class authorisation;

3° major transactions;

**Article 93: Autres informations à fournir aux actionnaires**

Une information est fournie aux actionnaires conformément:

1° aux délibérations des réunions d'actionnaires et les documents constitutifs de la société ;

2° les dispositions de l'article 116 de la présente loi;

3° aux dispositions de l'article 178 de la présente loi sur les exigences spéciales offertes, sauf si les actionnaires d'une société privée ont choisi d'exclure ces exigences.

La divulgation doit être faite, conformément à la présente loi, pour obtenir l'autorisation des actionnaires en rapport avec:

1° le pouvoir de modifier les documents constitutifs de la société;

2° l'exigence d'autorisation de la catégorie;

3° les transactions importantes;

4° guhindura imiterere;

5° n'uburyo bwo kwemerera kwibumbira hamwe.

**Ingingo ya 94: Uburyo bwo kohererereza inyandiko abanyamigabane**

Inyandiko iyo ari yo yose yohererezwa abanyamigabane ishobora gutangwa ku buryo bufatika cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, igashyirwa cyangwa ikoherezwa kuri aderesi y'uwo munyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane.

Inyandiko yohererejwe umunyamigabane ifatwa nk'aho yayibonye nyuma y'iminsi itanu (5) y'akazi kuva igejejwe kuri aderesi yatanzwe n'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane.

Iyo inyandiko yoherejwe kuri aderesi y'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane igaruwe inshuro eshatu zikurikirana nk'itakiriwe, isosiyete ntikenera kongera kohererereza umunyamigabane izindi nyandiko izo ari zo zose kugeza igihe uwo munyamigabane amenyesheje isosiyete aderesi ye nshya.

4° change of status; and

5° manner of authorising amalgamations.

**Article 94: Method of sending documents to shareholders**

Any document to be sent to a shareholder may be delivered physically or by electronic means to the shareholder or posted or delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders.

The document posted to a shareholder is deemed to be received by the shareholder five (5) working days after it is delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders.

If a document sent to a shareholder at the address shown on the register of shareholders is returned unclaimed three consecutive times, the company does not have to send any further documents to the shareholder until the shareholder notifies the company of his or her new address.

4° le changement de statut;

5° le mode d'autorisation des fusions.

**Article 94: Mode d'envoi des documents aux actionnaires**

Tout document à envoyer à un actionnaire peut être remis physiquement ou par voie électronique à l'actionnaire ou être envoyé ou remis à l' adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires.

Le document envoyé à un actionnaire est réputé reçu par l'actionnaire cinq (5) jours ouvrables après son dépôt remis à l' adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires.

Si un document envoyé à un actionnaire à l'adresse indiquée sur le registre des actionnaires est retourné comme non réclamé trois fois consécutives, la société n'a pas besoin d'envoyer d'autres documents à l'actionnaire jusqu'à ce que l'actionnaire avise la société de sa nouvelle adresse.

**Icyiciro cya 3: Uburyozwe**

**Ingingo ya 95: Uburyozwe bw'umunyamigabane**

Uretse iyo ari isosiyete ifite uburyozwe butagarukira ku migabane, umunyamigabane ntaryozwa inshingano ya sosiyete kuko ari umunyamigabane gusa. Uburyozwe bw'umunyamigabane kuri sosiyete, cyangwa ku nshingano zayo, bugarukira:

1° ku mafaranga atarishyuwe ku mugabane ufitwe n'uwo munyamugabane;

2° ku bundi buryozwe bwose bwateganyijwe bwateganyijwe n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete ku buryo budashidakanywaho, aho zishobora guteganya ko uburyozwe bw'umunyamigabane butagarukira gusa ku migabane ye;

3° ku byahawe umunyamigabane ariko bikaba bigomba kugaruzwa hakurikijwe ingingo ya 75 y'iri tegeko.

Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ziteganya ko umugabane utuma nyirawo agira uburyozwe, ubwo buryozwe buba k'ufite uwo mugabane

**Section 3: Liability**

**Article 95: Liability of shareholders**

With the exception of unlimited liability companies, a shareholder is not liable for the obligations of a company only because of being a shareholder. The liability of a shareholder to the company, or for the company's obligations is limited to:

1° any amount unpaid on a share held by the shareholder;

2° any liability expressly provided for in the company's incorporation documents which may, in the case of a private company provide that the shareholder's liability is unlimited;

3° any distribution received by the shareholder to the extent that the distribution is recoverable in accordance with Article 75 of this Law.

Where the incorporation documents of a company provides that a share imposes a liability on its holder, that liability attaches to

**Section 3 : Responsabilité**

**Article 95: Responsabilité des actionnaires**

À l'exception des sociétés à responsabilité illimitée, un actionnaire n'est pas responsable de l'obligation d'une société en raison seulement d'être actionnaire. La responsabilité d'un actionnaire envers la société ou pour ses obligations se limite à:

1° tout montant impayé sur une action détenue par l'actionnaire;

2° toute responsabilité expressément prévue dans les documents constitutifs de la société qui peut, dans le cas d'une société privée, prévoir que la responsabilité de l'actionnaire est illimitée;

3° toute distribution reçue par l'actionnaire dans la mesure où la distribution est recouvrable conformément à l'article 75 de la présente loi.

Lorsque les documents constitutifs d'une société prévoient qu'une action impose une responsabilité à son détenteur, cette

icyo gihe, aho kuba k'uwari uwufite mbere, kabone n'iyo ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.

Haseguriwe igika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo:

1° iyishyurwa ry'umugabane wose cyangwa igice cyawo kitishyuwe; kandi

2° umuntu wahawe umugabane ntabe akiwufite, uburyozwe bujyanye n'icyo gice kitishyuwe, ntibiba ubwishyu bw'abafite imigabane bawuhawe nyuma, ahubwo uburyozwe bugira uwahawe umugabane, cyangwa undi muntu wese wagize ubwo buryozwe igihe cy'isaranganya ry'imigabane.

Nta na kimwe giteganywa n'iyi ngingo gishobora kugira icyo gikora ku buryozwe umunyamugabane afitiye sosiyete hashingiwe ku masezerano, harimo n'amasezerano y'itangwa ry'imigabane, cyangwa ku bijyanye n'ikosa ridashingiye ku masezerano kutubahiriza inshingano y'ushinzwe gucunga iby'abandi, cyangwa izindi mpamvu zatuma hitabazwa inkiko irindi kosa rikozwe na we.

the holder of the share for the time being, and not to a prior holder of the share, whether or not the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current shareholder.

Subject to paragraph 2 of this Article, where:

1° all or part of the payment for the allotment of a share remains unsatisfied;

2° the person to whom the share was allotted no longer holds that share, liability in respect of that unsatisfied payment does not become that of subsequent holders of the share, but remains the liability of the person to whom the share was allotted, or of any other person who assumed that liability at the time of allotment.

Nothing in this article affects a shareholder's liability to the company on any contract, including a contract for the allotment of shares or for any tort or breach of fiduciary duty or other ground to take legal action for wrong committed by him/her.

responsabilité est attachée au détenteur actuel de cette action et non à un détenteur antérieur de l'action, que cette responsabilité soit ou non devenu exécutoire avant que l'action ne soit enregistrée au nom de l'actionnaire actuel.

Sous réserve de l'alinéa 2 du présent article, lorsque:

1° la totalité ou une partie du paiement de l'attribution d'une action reste impayée;

2° la personne à laquelle l'action a été attribuée ne détient plus cette action, la responsabilité à l'égard de ce paiement non fait ne devient pas celui des porteurs subséquents de l'action, mais reste la responsabilité de la personne à qui l'action a été attribuée, ou de toute autre personne qui a assumé cette responsabilité au moment de l'allotissement.

Aucune disposition du présent article n'affecte la responsabilité d'un actionnaire envers la société sur aucun contrat, y compris un contrat pour l'attribution d'actions ou pour tout délit ou manquement à une obligation fiduciaire ou autre raison d'intenter une action pour la faute commise par lui.

Urukiko rushobora kurenga uburyozwe bushingiye ku migabane kugira ngo umunyamugabane aryozwe inshingano za sosiyete, iyo rusanze uwo munyamugabane yarakoresheje nabi imiterere ya sosiyete agamije uburiganya cyangwa kwica amategeko cyangwa yarafashe nabi umutungo wa sosiyete nk'aho ari umutungo w'abantu ku giti cyabo.

**Ingingo ya 96: Uburyozwe bushingiye ku mafaranga atarishyurirwa imigabane**

Iyo umugabane utuma nyirawo aryozwa amafaranga atari yawishyurira, cyangwa, ufite ubundi buryozwe kuri nyirawo, ubwo buryozwe bubarwa ku munyamigabane uwufite muri icyo gihe; kandi ntibubazwe uwari uwufite mbere kabone n'iyo ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.

**Ingingo ya 97: Uburyozwe bw'intumwa bwite**

Mu gihe intumwa bwite yazunguye umuntu wapfuye yanditswe nk'ifite umugabane ubarirwa mu byo yazunguye, uburyozwe bw'iyo ntumwa bwite ku bijyanye n'uwo mugabane, ntibugomba kurenga agaciro k'ibintu iyo ntumwa bwite ifite bituruka ku byo yacungiraga undi bifitanye isano n'uwo mugabane, igihe hasabwa kubahiriza ubwo

A court may pierce the corporate veil to hold a shareholder liable for obligations of the company if the court finds that the shareholder has abused the company form for fraudulent or illegal purposes or wrongfully treated the company's assets as personal assets as though the company did not exist.

**Article 96: Liability for calls**

Where a share makes its holder liable to calls, or imposes any other liability on its holder, that liability attaches to the holder of the share, and not to a prior holder of the share, whether or not the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current holder.

**Article 97: Liability of personal representative**

Where a personal representative of the estate of a deceased person is registered as the holder of a share comprised in that estate, the liability of that personal representative, in respect of that share, does not exceed the value of any assets which, at the time when any demand is made for the satisfaction of any such liability are held by that personal

Une juridiction peut percer le voile corporatif pour tenir un actionnaire responsable des obligations de la société si ce tribunal constate que l'actionnaire a abusé de la forme de la société à des fins frauduleuses ou illégales ou mal traité les actifs de la société comme des biens personnels

**Article 96: Responsabilités liées aux actions en rappel**

Lorsqu'une action rend son détenteur redevable des sommes non encore payées ou impose une responsabilité à son détenteur, cette responsabilité se rattache au détenteur actuel de l'action et non à l'actionnaire précédent même lorsque la responsabilité deviendrait applicable avant l'enregistrement de l'action au nom de l'actuel détenteur.

**Article 97: Responsabilité du représentant personnel**

Lorsqu'un représentant personnel de la succession d'une personne décédée est inscrit comme titulaire d'une action comprise dans cette succession, la responsabilité de ce représentant personnel ne doit pas, à l'égard de cette action, excéder la valeur des biens qui, au moment où une demande est faite pour la satisfaction de telle responsabilité de ce type,

buryozwe.

Ku bw'iyi ngingo "ibintu by'undi" bigera ku nshingano z'intumwa bwite.

**Ingingo ya 98: Uburyozwe bw'ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo**

Iyo ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo yanditswe nk'ufite umugabane, uburyozwe bwe bushingiye kuri uwo mugabane ntibujya hejuru y'agaciro k'umutungo uwo ari wo wose w'igihombo mu gihe hatanzwe ubusabe ubwo ari bwo bwose bwo kubahiriza ubwo buryozwe, iyo uwo mutungo weguriwe ucunga iby'undi.

**Ingingo ya 99: Uburyozwe bw'abanyamigabane ku birebana n'ikoreshwa ry'ububasha bwabo**

Umunyamigabane utora gusa nk'umunyamigabane ukoresha ububasha buteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, nta nshingano n'imwe aba afite kuri sosiyete cyangwa ku wundi muntu, kandi ntaryozwa kuba yaratoye cyangwa ataratoye mu itora afitemo uburenganzira.

representative upon the same trusts as are applicable to that share.

For the purposes of this article, "trust" extends to the duties of a personal representative.

**Article 98: Liability of trustee in bankruptcy**

Where a trustee in bankruptcy is registered as the holder of a share, the liability of that trustee in bankruptcy, in respect of that share, not exceed the value of any property of the bankrupt which, at the time when any demand is made for the satisfaction of such liability, is vested in the trustee.

**Article 99: Liability of shareholders in respect of exercise of powers**

A shareholder voting solely in their capacity as a shareholder in the exercise of any of the powers set out in paragraph 2 of this article does not owe any duty to the company or to any other person and does not incur any liability in respect of the exercise of or failure to exercise votes to which that shareholder is entitled.

sont détenues par ce représentant personnel sur les mêmes fiducies que celles applicables à cette action.

Aux fins du présent article, la «fiducie» s'étend aux devoirs d'un représentant personnel.

**Article 98: Responsabilité du fidéicommissaire de faillite**

Lorsqu'un fidéicommissaire de faillite est enregistré en tant que détenteur d'une action, la responsabilité d'un fidéicommissaire de faillite ne peut pas, à l'égard de cette action, dépasser la valeur des biens du failli qui, au moment où une demande pour la satisfaction de cette responsabilité est formulée, est dévolu au fidéicommissaire.

**Article 99: Responsabilité des actionnaires en ce qui concerne l'exercice des pouvoirs**

Un actionnaire votant uniquement en sa qualité d'actionnaire sur l'exercice de l'un des pouvoirs énoncés à l'alinéa 2 n'a aucun devoir envers la société ou envers une autre personne et n'engage aucune responsabilité à l'égard de l'exercice ou de l'omission d'exercer des votes auxquelles cet actionnaire a droit.

Ububasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ubu bukurikira:

1° kwemeza itangwa ry'imigabane;

2° kwemeza ihindurwa ry'uburenganzira bw'abanyamigabane;

3° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'ugize Inama y'Ubutegetsi;

4° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'umugenzuzi w'imari;

5° kwemeza ko hagira igihinduka mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;

6° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye hashingiwe ku ngingo ya 196 y'iri tegeko;

7° gusaba ko isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda isibwa mu gitabo;

8° Kuvanaho ingingo yo kutagira uruhare hakurikijwe ingingo ya 209 y'iri tegeko.

Mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;

1° ziha ububasha ubwo ari bwo bwose

The powers mentioned in paragraph One are those to:

1° authorise an allotment of shares;

2° authorise an alteration of shareholders' rights;

3° authorise the appointment of or removal of a director;

4° authorise the appointment of or removal of an auditor;

5° authorise any alteration in the company's incorporation documents;

6° authorise a major transaction pursuant to Article 196 of this Law;

7° apply for a solvent company to be removed from the register;

8° reverse an opt out under article 209 of this Law.

Where a company's incorporation documents:

1° confer any power on shareholders

Les pouvoirs visés à l'alinéa premier du présent article sont les suivants:

1° autoriser une attribution des actions;

2° autoriser une modification des droits des actionnaires;

3° autoriser la nomination ou la révocation d'un administration;

4° autoriser la nomination ou la révocation d'un auditeur;

5° autoriser toute modification des documents de constitution de la société;

6° autoriser une transaction importante en vertu de l'article 196;

7° demander la radiation d'une société solvable;

8° annuler une clause de non-participation en vertu de l'article 209 de la présente loi.

Lorsque les documents constitutifs d'une société:

1° confèrent tout pouvoir aux

bwagombye kuba ubw'abagize Inama y'Ubutegetsi;

2° zitegeka ko abagize Inama y'Ubutegetsi bakoresha ububasha cyangwa birinda kubukoresha hakurikijwe icyemezo cyangwa ibwiriza ry'abanyamigabane,

abanyamigabane batora cyangwa bagenzura ikoreshwa ry'ububasha, cyangwa icyemezo cy'uko ububasha bwagombye gukoreshwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa bakirinda kubukoresha, bafatwa nk'abagize Inama y'Ubutegetsi hashingiwe ku nshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ziteganywa n'iri tegeko.

Nta na kimwe giteganywa muri iyi ngingo kibangamira uburyozwe bushingiye ku masezerano cyangwa indi nshingano yafashwe n'umunyamigabane.

**<u>Section 4</u>: Ikoreshwa ry'ububasha by'abanyamigabane binyuze mu myanzuro**

**<u>Ingingo 100</u>: Ikoreshwa ry'ububasha by'abanyamigabane binyuze mu myanzuro**

Ububasha abanyamigabane bahabwe n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, bukoreshwa binyujijwe mu mwanzuro w'abanyamigabane:

which would otherwise be exercised by the directors;

2° require the directors to exercise or refrain from exercising a power in accordance with a decision or direction of shareholders.

the shareholders who vote on or control the exercise of that power, or the decision or direction that the power should or should not be exercised are deemed to be directors for the purposes of directors' duties set out in this Law.

Nothing in this Article affects any liability arising out of a contract or other obligation expressly entered into by a shareholder.

**<u>Section 4:</u> Exercise of shareholder powers by resolutions**

**<u>Article 100:</u> Exercise of shareholder powers by resolution**

Powers reserved for shareholders by this Law or by a company's incorporation documents are exercised by shareholders' resolution:

actionnaires qui serait exercé par les administrateurs;

2° exigent que les administrateurs exercent ou s'abstiennent d'exercer un pouvoir conformément à une décision ou à une directive des actionnaires.

les actionnaires qui votent ou contrôlent l'exercice de ce pouvoir, ou la décision ou l'instruction que le pouvoir devrait ou ne devrait pas être exercé sont réputés être des administrateurs aux fins des fonctions des administrateurs énoncées dans la présente loi.

Aucune disposition du présent article ne porte atteinte à toute responsabilité découlant d'un contrat ou toute autre obligation dans laquelle un actionnaire s'est engagé.

**<u>Section 4</u>: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions**

**<u>Article 100</u>: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions**

Les pouvoirs réservés aux actionnaires par la présente loi ou par les documents constitutifs d'une société sont exercés par voie de résolution des actionnaires:

1° mu nteko rusange ya buri mwaka y'abanyamigabane;

2° mu nteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane;

3° binyujijwe mu mwanzuro wanditse usimbura inama;

4° mu bwumvikane buseseye bw'abanyamigabane.

**Ingingo ya 101: Gusaba gushyira ingingo ku murongo w'ibyigwa n'Inteko rusange bikozwe n'umunyamigabane**

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, umunyamigabane ashobora kwandikira Inama y'Ubutegetsi asaba ko ingingo runaka igibwaho impaka mu Nteko Rusange itaha y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora. Inyandiko y'ubusabe igomba kuba iriho umukono w'umunyamigabane wayitanze. Ubwo busabe bushobora kuba bufitanye isano n'imicungire ya sosiyete.

Iyo imenyekanisha ry'ubusabe rigeze ku Nama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi mbere y'umunsi wa nyuma imenyesha ry'inama y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku Nama

1° at a shareholders' annual meeting; or

2° at a shareholders' extraordinary meeting;

3° by shareholders' written resolution in lieu of meeting;

4° by a unanimous shareholder agreement.

**Article 101: Shareholder proposal at general meeting**

Subject to the company's incorporation documents, a shareholder may by written notice to the Board of Directors propose any matter for discussion or resolution at the next meeting of shareholders at which the shareholder is entitled to vote. The proposal shall be signed by the shareholder submitting the same. The proposal may relate to the management of the company.

If the notice is received by the Board of Directors not less than twenty (20) working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of

1° lors d'une assemblée annuelle des actionnaires;

2° lors d'une assemblée extraordinaire des actionnaires;

3° par résolution écrite des actionnaires tenant lieu de réunion;

4° par convention unanime des actionnaires.

**Article 101: Proposition d'actionnaire à l'assemblée**

Sous réserve des documents constitutifs de la société, un actionnaire peut, par écrit au conseil d'administration dont il propose l'inscription à l'ordre du jour ou toute résolution à soumettre à la prochaine assemblée à laquelle il a le droit de voter. La proposition est signée par l'actionnaire qui en est l'auteur. Cette proposition peut porter sur la gestion de la société.

Si l'avis est reçu par le Conseil d'administration au moins vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné par le conseil d'administration, le

y'Ubutegetesi, Inama y'Ubutegetsi igomba, kandi byishyuwe n'isosiyete, kugeza iryo menyesha ry'inyandiko y'ubusabe n'umunyamigabane iherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Iyo imenyekanisha ry'ubutumire ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari munsi y'itanu (5) kandi kitarengeje iminsi makumyabiri (20) y'akazi mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira ry'inteko rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku nama y'ubutegetsi. Inama y'Ubutegetsi igomba, kandi byishyuwe n'uwo munyamigabane, kugeza iryo menyekanisha ry'ubusabe riherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Iyo imenyesha y'ubusabe ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari munsi y'iminsi (5) mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira w'inteko rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku Nama y'Ubutegetsi, Inama y'Ubutegetsi igomba, mu gihe bishoboka, kandi byishyuwe n'umunyamigabane, kugeza iryo menyesha ry'ubusabe n'umunyamigabane buherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku

Directors, the board shall, at the expense of the company, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

If the notice is received by the board not less than 5 working days and not more than 20 working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of Directors, the Board of Directors shall, at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

If the notice is received by the Board of Directors less than five (5) working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the board, the board shall, if practicable, and at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.

conseil doit, aux frais de la société, donner la proposition de l'actionnaire et le texte de tout projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir un avis de convocation de la réunion.

Si l'avis est reçu par le conseil d'administration au moins cinq (5) jours ouvrables et au plus tard vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné par le conseil d'administration, ce dernier doit, aux frais de l'actionnaire, donner l'avis de la proposition de l'actionnaire et du texte de tout projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir l'avis de convocation de la réunion.

Lorsque le conseil d'administration reçoit l'avis de proposition moins de cinq (5) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de de convocation des actionnaires concernés doit être envoyé par le conseil d'administration, ce dernier doit, dans la mesure du possible et aux frais de l'actionnaire, informer tous les actionnaires devant recevoir l'avis de convocation de l'assemblée, de la proposition de l'actionnaire et leur transmettre le texte de

banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.

Mu gihe umunyamigabane ariwe ugomba kwishyura imenyekanisha ry'ubusabe yohereza isosiyete amafaranga ahagije kugira ngo ibimenyeshe abanyamigabane ndetse n'Inama y'Ubutegetsi.

Icyakora, Inama y'Ubutegetsi itanga imenyesha ry'igisabwa n'umunyamigabane riri kumwe n'umushinga w'umwanzuro yabonye hakurikijwe igika cya mbere bikozwe mu nyandiko itumira abanyamigabane mu nteko rusange yahawe abanyamigabane. Mu gihe Inama y'Ubutegetsi isaba ko abanyamigabane bashobora gutora uwo mushinga bahagarariwe cyangwa binyujijwe ku iposita cyangwa mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga, iha umunyamigabane wagize icyo asaba uburenganzira bwo gushyira mu nyandiko itumira inama ibisobanuro byumvikana bijyanye no gushyigikira icyo asaba, iherekejwe n'izina na aderesi bye.

Inama y'Ubutegetsi ntishyira mu nyandiko itumira inama y'abanyamigabane inyandiko iyo ari yo yose yateguwe n'umunyamigabane ibona irimo ibintu bishobora gusebanya, kurakaza

Where the costs of giving notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution are required to be met by the proposing shareholder, the proposing shareholder shall, on giving notice to the Board of Directors, deposit with the company or tender to the company a sum sufficient to meet those costs.

However, the Board of Directors gives notice of any shareholder proposal and the text of any proposed resolution received by it under paragraph one in the notice of the meeting given to shareholders and, if the Board of Directors proposes that shareholders may vote on that proposal by proxy or by postal vote or electronically, they give the proposing shareholder the right to include in the notice of meeting a concise statement in support of the proposal, together with the name and address of the proposing shareholder.

The Board of Directors, after receiving notice of the shareholder's proposal, shall consider the possibility for shareholders to vote on the proposal by proxy or by postal vote or

tout projet de résolution.

Lorsque le coût lié à la transmission de la proposition de l'actionnaire et du texte de tout projet de résolution doit être assumé par l'auteur de la proposition, ce dernier doit, au moment de l'envoi de son avis au conseil d'administration, déposer ou remettre à la société une somme suffisante pour couvrir ces frais.

Toutefois, le conseil d'administration donne avis de toute proposition d'actionnaire et du texte de tout projet de résolution qu'il reçoit en vertu de l'alinéa premier dans l'avis de convocation donné aux actionnaires et, si le conseil d'administration permettent aux actionnaires de voter sur cette proposition par procuration ou par correspondance postale ou par voie électronique, il donne à l'actionnaire auteur de la proposition le droit d'inclure dans l'avis de convocation une déclaration concise à l'appui de la proposition, accompagnée du nom et de l'adresse de l'actionnaire auteur de la proposition.

Après avoir reçu l'avis de proposition d'un actionnaire, le conseil d'administration examine la possibilité pour les actionnaires de voter par procuration ou par correspondance

cyangwa bidafite icyo bimaze.

Inama y'Ubutegetsi ntikenera kubahiriza iyi ngingo iyo ubusabe bwashyizweho umukono n'abanyamigabane bari munsi ya batanu ku ijana (5%) by'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora ku bibazo biri mu busabe mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, cyangwa n'icumi ku ijana (10%) by'abanyamigabane bafite ubwo burenganzira mu gihe ari sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, kandi Inama y'Ubutegetsi ifite impamvu yumvikana ko:

1° ubwo busabe cyangwa ikimeze nkabwo cyasuzumwe n'inteko rusange y'abanyamigabane mu gihe cy'imyaka ibiri (2) guhera ku itariki yaboneyeho inyandiko itumira;

2° impamvu y'ibanze y'ubusabe ari ugukosora ikintu bwite cyangwa ari uguteza imbere, muri rusange, ibijyanye n'ubukungu, politiki, idini, umubano cyangwa indi mpamvu bifitanye isano.

through any other electronic means.

Where the Board of Directors considers that the proposal is justified, it authorizes the shareholder concerned to prepare a summary statement of his/her proposed resolution, including therein his/her name and address. The Board of Directors need not comply with this article if the proposal is signed by less than five percent (5%) of the shareholders entitled to vote on the issues in the proposal for private companies or by less than ten percent (10%) of the shareholders so entitled for public companies and the Board of Directors is of the reasonable opinion that:

1° the same or substantially the same proposal was considered by a shareholders' meeting within two (2) years from the date of receipt of the notice;

2° the primary purpose of the proposal is to redress a personal grievance, or promote general economic, political, religious, social or other similar causes.

postale ou par tout autre moyen électronique.

Lorsque le conseil d'administration estime que la proposition est fondée, elle autorise l'actionnaire concernée à élaborer un résumé de projet de résolution accompagné de son nom et de son adresse. Le Conseil d'administration n'a pas à se conformer au présent article si la proposition est signée par moins de cinq pour cent (5%) des actionnaires ayant droit de vote sur les questions se trouvant dans la proposition pour les sociétés privées ou de moins de dix pour cent (10%) des actionnaires ainsi autorisés pour les sociétés publiques et que le conseil d'administration est raisonnablement d'avis que:

1° la proposition identique ou pratiquement identique été examinée par l'assemblée des actionnaires dans les deux (2) ans suivant la date de réception de l'avis;

2° le but principal de la proposition est de remédier à un grief personnel, ou de promouvoir des causes générales économiques, politiques, religieuses, sociales ou autres causes similaires.

**Ingingo ya 102: Umwanzuro w'umunyamigabane werekeranye n'icungwa ry'isosiyete**

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, abanyamigabane bashobora gufata umwanzuro werekeranye n'icungwa ry'isosiyete, icyakora si ngombwa ko wubahirizwa n'Inama y'Ubutegetsi.

Inama y'Ubutegetsi ishobora kutubahiriza uwo mwanzuro iyo isanze ubangamiye inyungu za sosiyete.

**Icyiciro cya 5: Inteko rusange z'abanyamigabane n'imyanzuro isimbura inama**

**Ingingo ya 103: Inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane**

Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange ya buri mwaka igomba guterana:

1° inshuro imwe mu mwaka kandi ntibirenge amezi cumi n'atanu (15) nyuma y'inteko rusange iheruka;
2° bitarenze amezi atandatu (6) nyuma y'itariki y'iyemezwa ry'ifoto y'umutungo y'isosiyete,

**Article 102: Shareholder resolution relating to the management of the company**

Subject to the company's incorporation documents, the shareholders may pass a resolution relating to the management of the company, but such a resolution is not binding on the Board of Directors.

The Board of Directors may refrain from complying with such a resolution if satisfied that the resolution is not in the best interests of the company.

**Section 5: Shareholders' meetings and resolutions in lieu of meeting**

**Article 103: Shareholders' annual meeting**

The Board of Directors shall call an annual meeting of shareholders to be held:

1° once a year and not later than fifteen (15) months after the last preceding meeting;
2° not later than six (6) months after the date of approval of the company's balance sheet;

**Article 102: Résolution de l'actionnaire relative à la gestion de la société**

Sous réserve des documents constitutifs de la société, les actionnaires peuvent adopter une résolution relative à la gestion de la société, mais une telle résolution n'est pas contraignante pour le conseil d'administration.

Le conseil d'administration peut s'interdire de se conformer à cette résolution s'il le juge contraire aux intérêts de la société.

**Section 5: Assemblées des actionnaires et résolutions tenant lieu de réunion**

**Article 103: Assemblée annuelle des actionnaires**

Le Conseil d'administration doit convoquer une assemblée annuelle qui doit se tenir :

1° une fois par an et au plus tard quinze (15) mois après la tenue de la dernière assemblée précédente;
2° pas plus tard que dans six (6) mois après la date d'approbation du bilan de la société ;

Icyakora isosiyete nshya ishobora guteranya inteko rusange yayo mu gihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18) uhereye igihe yashingiwe.

Isosiyete iteranya inteko rusange yayo ku itariki yumvikanyweho.

Inyandiko itumiza inama yohererezwa abanyamigabane bose mu minsi mirongo itatu (30) nibura mbere y'uko inteko rusange iterana, kandi iyo nyandiko ikagaragaza nibura, ibiri ku murongo w'ibyigwa n'amakuru arebana n'abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba gutorwa mu nteko rusange, harimo imyirondoro yabo, ubunararibonye bafite mu bucuruzi, n'imyanya bafite mu nama y'ubutegetsi mu yandi masosiyete.

**<u>Ingingo ya 104</u>: Gukurikirana imicungire y'isosiyete bikozwe n'abanyamigabane**

Umuyobozi w'inteko rusange y'abanyamigabane aha abanyamigabane umwanya uboneye wo kujya impaka no kugira icyo bavuga ku micungire y'isosiyete.

Inteko rusange y'abanyamigabane ishobora gufata umwanzuro yitwaje iyi ngingo igira ibyo isaba Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ku birebana n'ibibazo bigira ingaruka ku micungire y'isosiyete.

However, a newly incorporated company may hold its shareholders' meeting within eighteen (18) months of its incorporation.

The company holds a shareholders' meeting on the agreed date.

Notice of each meeting is sent to all shareholders not less than thirty (30) days before the date of the meeting. The notice states, at a minimum, the agenda for the meeting and information regarding directors to be elected at the meeting including biographies, a statement of their business experience, and any directorships held by them in other companies.

**<u>Article 104</u>: Shareholders' review of the company's management**

The chairperson of any shareholders' meeting gives the shareholders a reasonable opportunity to discuss and comment on the management of the company.

A shareholders' meeting may pass a resolution under this Article which makes recommendations to the Board of Directors on matters affecting the management of the company.

Toutefois, une société nouvellement créée peut tenir son assemblée des actionnaires dans les dix-huit (18) mois qui suivent sa constitution.

La société tient son assemblée des actionnaires à la date convenue.

L'avis de convocation est envoyé à tous les actionnaires au moins trente (30) jours avant la date de l'assemblée, lequel avis mentionne au moins l'ordre du jour de la réunion et les informations concernant les membres du conseil d'administration à élire à l'assemblée, y compris les biographies, leur expérience dans les affaires, et tous les postes qu'ils occupent en tant que directeurs d'autres sociétés.

**<u>Article 104</u>: Examen de la gestion de la société par les actionnaires**

Le président de toute assemblée des actionnaires donne aux actionnaires une occasion raisonnable de discuter et de commenter sur la gestion de la société.

Une assemblée des actionnaires peut adopter une résolution en vertu du présent article qui formule des recommandations au conseil d'administration sur les questions touchant la gestion de la société.

**Ingingo ya 105: Ubushobozi bw'Umwanditsi Mukuru mu gutumiza inteko rusange y'abanyamigabane ngarukara mwaka**

Mu gihe inteko rusange y'abanyamigabane ngarukamwaka itatumijwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru ashobora kuyitumiza mu nyandiko, akanatanga amabwiriza ajyanye na yo abona ko ari ngombwa yerekeranye no guhindura cyangwa kuzuza inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, cyangwa ibiteganywa n''iri tegeko byerekeranye no gutumira, guterana no kuyobora inteko rusange.

Mu gihe inteko rusange itumijwe n'Umwanditsi Mukuru mu mwaka inteko rusange y'abanyamuryango ngarukamwaka itabayemo, iyo nama ntigomba gufatwa nk'inteko rusange ngarukamwaka y'uwo mwaka yabayemo, keretse Umwanditsi Mukuru abigennye ukundi.

**Ingingo ya 106: Inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane**

Inteko rusange y'abanyamigabane itari inteko rusange ngarukamwaka ni inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.

**Article 105: Registrar General's power to call shareholders' annual meeting**

If default is made in holding a shareholders' annual meeting, in accordance with this Law, the Registrar General may by written notice call such a meeting and give such ancillary or consequential directions as he/she deems necessary, including a direction modifying or supplementing the company's incorporation documents or provisions of this Law in relation to the calling, holding and conducting of the meeting.

Where a meeting called by the Registrar General is not held in the year in which the default in holding the shareholders' annual meeting occurred, the meeting is not to be treated as the annual general meeting for the year in which it is held unless the Registrar General so directs.

**Article 106: Shareholders' extraordinary meeting**

A shareholders' meeting other than the annual meeting is a shareholders' extraordinary meeting.

**Article 105: Pouvoir du Registraire Général de convoquer l'assemblée annuelle des actionnaires**

S'il s'avère impossible de de tenir une assemblée annuelle des actionnaires conformément à la présente loi, le Registraire Général peut, par avis écrit, convoquer une telle assemblée et donner les directives connexes ou consécutives qu'il juge opportunes, y compris une directive concernant la modification ou le complément les documents constitutifs de la société, ou les dispositions de la présente loi relatives à la convocation , à la tenue et à la direction de l'assemblée.

Lorsqu'une assemblée convoquée par le Registraire Général n'est pas tenue dans l'année au cours de laquelle l'assemblée annuelle des actionnaires n'a pas eu lieu, cette l'assemblée ne doit pas être considérée comme l'assemblée annuelle de l'exercice où elle est tenue, à moins que le Registraire général n'en décide autrement.

**Article 106: Assemblée extraordinaire des actionnaires**

Une assemblée des actionnaires autre que l'assemblée annuelle, est une assemblée extraordinaire des actionnaires.

Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ubihererwa uburenganzira n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, ashobora gutumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.

Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane bisabwe mu nyandiko ishyikirizwa isosiyete yashyizweho umukono umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira bw'amajwi angana na gatanu ku ijana (5%) nibura, bafite uburenganzira bwo kugira icyo bavuga ku bigomba kugibwaho impaka mu nteko rusange, nk'uko byagaragajwe mu butumire.

Ubutumire bwa buri nteko rusange idasanzwe bwohererezwa abanyamigabane bose mu minsi cumi n'itanu (15) nibura mbere y'inama bukanagaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama.

Iyo nyuma y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ibarwa guhera igihe inyandiko itumira inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane yatangiwe, abagize Inama y'Ubutegetsi badatumije inteko rusange, abashyize umukono ku nyandiko imenyesha cyangwa umwe muri bo bashobora gutumiza inteko rusange, ariko iyo nteko rusange ntishobora guterana mu gihe kirenze amezi atatu (3) nyuma y'inyandiko itumira.

The Board of Directors, or any other person so authorised in the company's incorporation documents, may call a shareholders' extraordinary meeting.

The Board of Directors call a shareholders' extraordinary meeting upon request made by written notice served on the company signed by one or more persons holding the right to exercise not less than five per cent (5%) of the votes entitled to be cast on the issues to be discussed at the meeting as set out in the notice.

Notice of each extraordinary meeting is sent to all shareholders not less than fifteen (15) days before the date of the meeting, and notice states the agenda for the meeting.

If after twenty-one (21) days from the date of service of the notice to call a shareholders' extraordinary meeting, the directors have not called the meeting, the signatories to the notice or any of them may call the meeting, but such meeting shall not be held more than three (3) months after the date of service of the notice.

Le conseil d'administration ou toute autre personne autorisée dans les documents constitutifs de la société peut convoquer une assemblée extraordinaire des actionnaires.

Le conseil d'administration convoque une assemblée extraordinaire des actionnaires sur demande faite par avis écrit signifié à la société signée par une ou plusieurs personnes titulaires du droit d'exercer au moins cinq pour cent (5%) des voix ayant droit de se prononcer sur les questions à discuter lors de l'assemblée, telles qu'elles sont énoncées dans l'avis.

L'avis de convocation de chaque assemblée extraordinaire est envoyé à tous les actionnaires au moins quinze (15) jours avant la date de l'assemblée, et cet avis mentionne l'ordre du jour de l'assemblée.

Si, après un délai de vingt et un (21) jours à compter de la signification de l'avis de convocation de l'assemblée extraordinaire des actionnaires, les administrateurs n'ont pas convoqué l'assemblée, les signataires de l'avis ou l'un d'entre eux peut convoquer l'assemblée, mais cette assemblée ne peut pas avoir lieu plus de trois (3) mois après la date de signification de l'avis.

Inteko rusange itumijwe hakurikijwe igika kibanziriza iki, itumizwa mu buryo bumwe, nk'ubuteganywa muri iyi ngingo.

Isosiyete isubiza abashyize umukono ku nyandiko y'itumira ibyo batanze byose byumvikana bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi batubahirije ibiteganywa muri iyi ngingo, kandi amafaranga yishyuwe kuri ubwo buryo akavanwa ku bihembo by'abo bagize Inama y'Ubutegetsi batabyubahirije.

**Ingingo ya 107: Imigendekere y'inteko rusange y'abanyamigabane**

Haseguriwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, amabwiriza atanzwe n'Umwanditsi Mukuru agenga imigendekere y'inteko rusange.

**Ingingo ya 108: Umwanzuro wanditse w'abanyamigabne usimbura inteko rusange**

Umwanzuro wanditse washyizweho umukono n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kuwutorera mu nteko rusange y'abanyamigabane ugira agaciro nk'aho waba waremejwe mu nteko rusange y'abo banyamigabane;

Umwanzuro wanditse ku bibazo byose bigombwa gusuzumwa n'inteko rusange

A meeting called under the preceding paragraph shall be called in the same manner as set forth in this Article.

The company repays to the signatories to the notice any reasonable expenses incurred by them due to the failure of the directors to comply with the provisions of this article, and any sum so repaid is deducted by the company from the remuneration of the directors who were in default.

**Article 107: Proceedings at shareholders' meeting**

Subject to the company's incorporation documents, instructions issued by the Registrar General govern proceedings at shareholders' meeting.

**Article 108: Shareholders' written resolution in lieu of meeting**

A resolution in writing signed by all the shareholders entitled to vote on that resolution at a shareholders' meeting is as valid as if it had been passed at a meeting of those shareholders.

A resolution in writing dealing with all matters to be dealt with at a meeting of

L'assemblée convoquée en vertu de l'alinéa précédent est convoquée de la même manière que celle prévue au présent article.

La société rembourse aux signataires de l'avis toute dépense raisonnable qu'ils ont engagée en raison du défaut des administrateurs de se conformer aux dispositions du présent article, et toute somme ainsi remboursée est déduite de la rémunération de ces administrateurs en défaut.

**Article 107: Délibérations de l'assemblée des actionnaires**

Sous réserve des documents constitutifs de la société, les instructions du Registraire Général régissent les délibérations de l'assemblée.

**Article 108: Résolution écrite des actionnaires tenant lieu de l'assemblée**

Une résolution écrite signée par tous les actionnaires ayant le droit de vote sur cette résolution lors d'une assemblée des actionnaires est aussi valable que si elle avait été adoptée lors d'une assemblée de ces actionnaires.

Une résolution écrite sur toutes les questions devant être traitées lors d'une assemblée des

y'abanyamigabane kandi washyizweho umukono n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo gutora muri iyo nteko rusange uba wujuje ibisabwa byose n'iri tegeko byerekeranye n'inteko rusange y'abanyamigabane.

Imikono ntigomba kugaragara ku nyandiko yihariye; ahubwo buri mukono ugaragara ku nyandiko igaragaza ibigize umwanzuro.

Icyakora, umwanzuro wo kwirukana ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umugenzuzi w'imari ugira agaciro gusa iyo wemejwe n'inteko rusange y'abanyamigabane.

**Ingingo ya 109: Umunyamigabane usaba ko imigabane afite mu isosiyete igurwa n'isosiyete**

Igihe umwanzuro udasanzwe wafashwe hagamijwe:

1° guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kugira ngo hagire icyongerwa cyangwa igikurwa ku mirimo n'ibikorwa by'isosiyete;

2° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye cyangwa kwibumbira hamwe

shareholders, and signed by all the shareholders entitled to vote at that meeting, satisfies all the requirements of this Law relating to a meeting of shareholders.

The signatures need not be on a single document provided each one is on a document which accurately states the terms of the resolution.

However, a resolution to remove a director or an auditor is of no effect unless passed at a meeting of shareholders.

**Article 109: Shareholder requiring a company to purchase shares**

Where a special resolution is passed for the purpose of:

1° altering the incorporation documents of a company with a view of imposing or removing a restriction on the business or activities of the company;

2° approving a major transaction or an amalgamation of the company.

actionnaires et signée par tous les actionnaires ayant droit de vote à cette assemblée satisfait à toutes les exigences de la présente loi relatives à une assemblée des actionnaires.

inyandiko imenyesha ko isosiyete isabwa kubikora; cyangwa yakoze amakosa yo kutubahiriza amabwiriza isosiyete yahawe na Minisitiri hakurikijwe iri tegeko.

Ku busabe nk'ubwo, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka isosiyete cyangwa umuyobozi uwo ariwe wese cyangwa umwanditsi gukosora amakosa yakozwe mu gihe cyavuzwe muri icyo cyemezo kandi rukanategeka ko hari ibyishyurwa iyo rubona ko ari ngombwa.

**Icyiciro cya 4: Kugenzura imikorere y'amasosiyete**

**Ingingo ya 263: Igenzura ritegetswe na Minisitiri**

Minisitiri ashyiraho amabwiriza asaba Umwanditsi Mukuru gukurikirana no kugenzura isosiyete yo mu gihugu cyangwa isosiyete y'inyamahanga ifite ishami mu Rwanda iyo abona ko :

1° mu rwego rwo kurengera inyungu z'abantu muri rusange,

(10) working days after the service of a notice on the company requiring it to do so; or defaults in complying with any direction given to the company by the Minister under this Law.

On such an application the competent court may make an order directing the company and any director or secretary of it to make good the default within such a time as may be specified in the order and may make such order as to costs as it deems fit.

**Section 4: Investigation into companies business**

**Article 263: Mandatory investigation ordered by the Minister**

The Minister issues instructions requesting the Registrar General to investigate into the business of a local company or of a foreign company having its branch in Rwanda where the Minister is satisfied that:

1° for the protection of the public, the shareholders or creditors of a

de remédier à un manquement dans un délai de dix (10) jours ouvrables suivant la notification exigeant la correction dudit manquement ; ou faillit de se conformer à toute directive émise à l'égard de la société par le Ministre en vertu de la présente loi.

Sur base d'une telle demande dans le présent article, la juridiction compétente tribunal peut rendre une ordonnance enjoignant la société et tout administrateur ou secrétaire de ladite société de remédier au manquement d'une obligation dans le délai précisé dans l'ordonnance et rendre une ordonnance eu égard aux frais qu'il juge à propos.

**Section 4: Inspection des activités des sociétés**

**Article 263 : Inspection obligatoire ordonnée par le Ministre**

Le Ministre donne des instructions demandant au Registraire Général de faire des investigations sur les activités d'une société locale ou d'une société étrangère ayant sa succursale au Rwanda lorsque le Ministre estime que:

1° pour la protection des intérêts publics, ceux des actionnaires ou des

iz'umunyamigabane, cyangwa uberewemo umwenda, hakwifuzwa ko ibikorwa by'isosiyete bigomba gukorerwa igenzura;

2° mu nyungu rusange ko ibikorwa by'isosiyete byakurikiranwa bikanagenzurwa;

3° mu gihe ari isosiyete y'inyamahanga, abayobozi babifitiye ububasha b'ikindi gihugu basaba ko isosiyete ikorerwa igenzura hakurikijwe iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 264</u>: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete**

Umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete ushyirwaho n'Umwanditsi Mukuru afite ububasha bwo gukurikirana ibikorwa by'isosiyete hakurikijwe ingingo ya 263 y'iri tegeko.

Ushyizweho agomba kuba afite ubumenyi, ubushobozi n'ubuzobere mu icungamutungo kandi wabigize umwuga.

Umugenzi washyizweho akora raporo akurikije imiterere n'inzira yasabwe n'Umwanditsi Mukuru.

company, it is desirable that the affairs of a company should be investigated;

2° it is in the public interest that the affairs of a company should be investigated;

3° in the case of a foreign company, the appropriate authority of another country has requested that an investigation be made under this Article in respect of the company.

**<u>Article 264</u>: Appointment of inspector of the business of the company**

An inspector of the business of a company is appointed by the Registrar General and have the power to investigate the business of a company pursuant to Article 263 of this Law.

The appointed inspector must be a qualified, skilled and experienced professional manager.

The appointed inspector prepares a report according to the format required by the Registrar General.

créanciers, il est nécessaire de soumettre les activités d'une société à une inspection;

2° il est d'intérêt public de soumettre les activités d'une société à une inspection;

3° dans le cas d'une société étrangère, les autorités compétentes d'un autre pays a demandé qu'il soit procédé à une inspection de ladite société conformément au présent article.

**<u>Article 264</u>: Nomination d'un inspecteur des activités d'une société**

Un inspecteur des activités d'une société est désigné par le Registraire Général et a les pouvoirs d'inspecter les activités d'une société en vertu de l'article 263 de la présente loi.

La personne ainsi désignée doit avoir les connaissances, les compétences et l'expérience en gestion et doit être professionnel.

Ledit inspecteur fait un rapport selon la forme et la procédure lui exigées par le Registraire Général.

**Ingingo ya 265: Urwego rwishyura amafaranga y'ikurikirana n'igenzura**

Amafaranga yakoreshejwe mu ikurikirana n'igenzura by'ibikorwa by'isosiyete ndetse n'igihembo cy'umugenzuzi w'ibikorwa byishyurwa na Leta.

**Ingingo ya 266: Igenzura ritegetswe n'Umwanditsi Mukuru**

Umwanditsi Mukuru ashobora:

1° iyo ari isosiyete ifite umutungo ushingiye ku migabane, bisabwe:

a) n'umunyamigabane umwe cyangwa itsinda ryabo bafite nibura imigabane ingana na kimwe cya cumi (1/10) cy'imigabane yatanzwe mu isosiyete;

b) n'abafite imigabane nguzanyo ingana nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'imigabane nguzanyo yose;

2° iyo ari isosiyete ishingiye ku buryozwe bugarukira ku ngwate, bisabwe nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'abantu banditse mu gitabo cy'imigabane;

**Article 265: Organ to bear expenses incurred in the investigation**

The expenses incurred in the investigation of a company and the remuneration of the inspector are paid by the State.

**Article 266: Investigation ordered by the Registrar General**

The Registrar General may:

1° in the case of a company having a share capital, on the application of:

a) one shareholder or a group of shareholders holding at least one-tenth (1/10) of the issued shares;

b) debenture holders holding not less than one-fifth (1/5) in nominal value of the issued debentures;

2° in the case of a company limited by guarantee, on the application of not less than one-fifth (1/5) in number of the persons on the share register;

**Article 265: Institution en charge des frais inhérents à l'inspection**

Les dépenses et les frais inhérents à l'inspection d'une société sont payés par le Gouvernement.

**Article 266: Inspection ordonnée par le Registraire Général**

Le Registraire Général peut :

1° dans le cas d'une société ayant un capital social reparti en actions, et à la demande de :

a) un actionnaire ou groupe d'actionnaires détenteurs d'au moins un dixième (1/10) de la valeur nominale des actions émises;

b) d'obligataires détenteurs d'au moins un cinquième (1/5) de la valeur nominale des obligations émises ;

2° dans le cas d'une société à responsabilité limitée par garantie, à la demande d'au moins un cinquième (1/5) des personnes inscrites sur le

3° mu gihe abonye ko gushyiraho umugenzuzi ari ngombwa mu kurengera inyungu z'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo cyangwa ko ari ngombwa mu nyungu za rubanda, gusaba ko umugenzuzi akora igenzura ry'isosiyete cyangwa ku mirimo yayo nk'uko biba byanditswe mu nyandiko imushyiraho kandi akanagenzura imikorere y'uhagarariye itsinda ry'abafite imigabane nguzanyo bishyize hamwe nyuma akabikorera raporo akurikije imiterere n'uburyo bwasabwe n'Umwanditsi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 267</u>: Gusaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete no gutanga ingwate y'amafaranga yakoreshwa kuri icyo gikorwa**

Iyo ari isosiyete cyangwa abanyamigabane bavugwa mu ngingo ya 266 y'iri tegeko basabye Umwanditsi Mukuru gushyiraho ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, bagomba kugaragaza impamvu zatumye basaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete. Mbere yo gushyiraho ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, Umwanditsi Mukuru ashobora, gusaba abasaba ko hashyirwaho ukurikirana ibikorwa byabo

3° where he/she considers that the appointment of an inspector is necessary to safeguard the interests of shareholders or debenture shareholders or is necessary in the public interest, require an inspector to investigate the affairs of a company or such aspects of the affairs of a company as are specified in the instrument of appointment and in the case of a debenture agency deed, the conduct of the debenture holders' representative, and to make a report on his/her investigation in such form and manner as the Registrar General may direct.

**<u>Article 267</u>: Application for the investigation and provision of security as to the money to be used in this process**

An application by the company or shareholders referred to in Article 266 of this Law must be supported by such evidence as the Registrar General may require as to the reasons for the application and the grounds of the applicants in requiring the investigation. The Registrar General may, before appointing an inspector, require the applicants to give security in such amount as he/she deems fit

registre d'actions;

3° lorsqu'il considère que la nomination d'un inspecteur est nécessaire pour la préservation des intérêts des actionnaires, des obligataires ou qu'il s'agit de l'intérêt public, d'exiger que l'inspecteur procède à une enquête sur la société ou sur les activités de celle-ci tel qu'il est spécifié dans le document de nomination et dans le cas d'un syndicat d'obligataires, sur la conduite du représentant des obligataires, et dresser un rapport sur son enquête dans la forme et la manière demandée par le Registraire Général.

**<u>Article 267</u>: Demande d'inspection des activités d'une société et versement d'une garantie des coûts de cette activité**

Lorsqu'il s'agit d'une société ou des actionnaires visés à l'article 266 de la présente loi qui adressent au Registraire Général une demande de désignation d'un inspecteur, ils sont tenus de fournir les raisons de demande d'inspection des activités d'une société. Avant la désignation d'un inspecteur des activités d'une société, le Registraire Général peut exiger aux demandeurs d'inspection de leurs

gutanga ingwate ikwiye y'amafaranga bizatwara.

**ngingo ya 268: Abahabwa raporo**

Kopi ya raporo y'ubugenzuzi ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, abayisabye no ku cyicaro gikuru cy'isosiyete.

**Ingingo ya 269: Gutangariza rubanda igenzura risabwe**

Mu gihe asanga biri mu nyungu za rubanda, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urwego rwasabye igenzura ko ibirivuyemo bitangarizwa rubanda.

**Ingingo ya 270: Amakosa yatuma umugenzuzi w'imari akurikiranwa**

Iyo raporo y'umugenzuzi w'ibikorwa igaragaje ko umugenzuzi w'imari:

1° ahamwa n'ikosa ryo kwitwara nabi mu kazi ke;

2° yakoze igenzura ry'imari ku buryo butabereye uwo murimo ;

for payment of the costs of the investigation.

**Article 268: Persons to whom a report copy is submitted**

A copy of the inspector's report is forwarded to the Registrar General, to those who requested for it and to the registered office of the company.

**Article 269: Publication of the required investigation**

The Registrar General may, where he/she is of the opinion that it is necessary in the public interest to do so, ask the organ that requested for the investigation to cause the report to be published.

**Article 270: Faults that may lead an auditor to be held accountable**

Where from a report of an inspector it appears that any qualified auditor:

1° has been guilty of misconduct;

2° has conducted an audit in a manner that is not appropriate;

activités de verser un montant qu'il juge approprié en garantie des coûts de l'inspection.

**Article 268: Destinataires de copie du rapport**

Une copie du rapport final est adressée au Registraire Général, aux demandeurs et au siège social de la société.

**Article 269: Publication de l'inspection requise**

Si le Registraire Général estime qu'il y va de l'intérêt public, il peut exiger au service demandeur que les résultats de l'inspection soient publiés.

**Article 270: Fautes pouvant occasionner une procédure judiciaire à l'encontre d'un auditeur**

Lorsque le rapport de l'inspecteur fait ressortir que l'auditeur :

1° s'est rendu coupable d'une faute de méconduite dans ses fonctions ;

2° a effectué l'audit de façon inappropriée;

Umwanditsi Mukuru ashobora kugeza icyo kibazo ku nzego zibifitiye ububasha kugira ngo zifate ingamba zikwiye.

**Ingingo ya 271: Zimwe mu mpamvu zatuma Umwanditsi Mukuru arega isosiyete mu rukiko**

Iyo, hakurikijwe raporo y'umugenzuzi w'ibikorwa, bigaragariye Umwanditsi Mukuru ko mu micungire n'imiyoborere by'isosiyete, umunyamigabane yakoresheje isosiyete n'uburenganzira ahabwa n'ibyiciro bw'imigabane afite mu gutora cyangwa ibindi byihariye bijyanye na yo, yahinduye ibyumvikanyweho mu matora, yateye imicungire mibi agamije kugira ngo agire cyangwa agumane ububasha, ubwo bubasha bukaba bukumira cyangwa bubangamiye abandi banyamigabane, Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga ikirego mu rukiko ashingiye kuri iri tegeko.

**Ingingo ya 272: Ishyirwaho ry'umugenzuzi bikozwe n'isosiyete ushinzwe kugenzura ibikorwa byayo bwite**

Isosiyete yose, uretse iyatangajwe ko ikorerwa igenzura, ishobora, hakoreshejwe umwanzuro usanzwe, gushyiraho ukurikirana ibikorwa byayo kugira ngo ayikorere imirimo.

the Registrar General shall refer the matter to competent authorities for necessary action.

**Article 271: Reasons following which the Registrar General may lodge a case before the court against a company**

Where from a report of an inspector it appears to the Registrar General that in the management and administration of a company, there is a shareholder who, by virtue of his or her company, shares and voting rights deriving from the classes of such shares and other benefits, alters the decisions that were taken through the vote, causes mismanagement for him or her to maintain control and where the latter helps him/her to unfairly discriminate other shareholders, the Registrar General may lodge a case before the Court in accordance with this Law.

**Article 272: Appointment of an inspector by a company to investigate its own affairs**

A company, other than a declared company, may, by ordinary resolution, appoint an inspector to investigate its affairs.

Le Registraire Général peut soumettre l'affaire aux autorités compétentes pour prendre les mesures qui s'imposent.

**Article 271: Certaines raisons pouvant pousser le Registraire Général à engager une procédure judiciaire à l'encontre d'une société**

Lorsqu'il apparaît, sur base du rapport de l'inspecteur, que dans la gestion et l'administration de la société, un actionnaire a fait l'usage de la société, du droit de vote et des droits spéciaux rattachés à certaines catégories d'actions, a modifié les résolutions prises de commun accord à l'occasion d'un vote, a provoqué une mauvaise gestion, dans le but de disposer ou de garder un contrôle limitant ou écartant d'autres actionnaires, le Registraire Général peut introduire une demande en justice en vertu de la présente loi.

**Article 272: Nomination d'un inspecteur par la société d'enquêter les activités de la société**

Une société, exception faite d'une société déclarée, peut, par résolution ordinaire, nommer un inspecteur pour qu'il enquête sur ses activités.

**Ingingo ya 273: Gutanga *imyanzuro ku bayigenewe***

Nyuma y'igenzura, umugenzuzi w'ibikorwa agomba gushyikiriza imyanzuro mu buryo bwemejwe no ku bantu bose bayigenewe nk'uko byemejwe n'inama rusange.

**Article 273: Reporting**

On the conclusion of an investigation, the inspector reports his/her opinion in such manner and to such persons as the company's general assembly indicated.

**Article 273: Remise de conclusions**

Au terme de l'enquête, l'inspecteur doit dresser un rapport de ses conclusions et le remettre de la manière et aux personnes indiquées par la société au cours de l'assemblée des actionnaires.

**Ingingo ya 274: Igenzurwa ry' isosiyete ishamikiye ku yindi**

Iyo ukurikirana ibikorwa by'isosiyete mu rwego rw'igenzura ry'imirimo y'isosiyete, asanze ari ngombwa gukora igenzura ry'imirimo y'isosiyete iyishamikiyeho, ashobora gukora iryo genzura abyemerewe ku buryo bwanditse n'Umwanditsi Mukuru.

**Article 274: Investigation of a subsidiary company**

Where an inspector thinks it is necessary for the purposes of the investigation of the affairs of a company to investigate the affairs of a subsidiary company, he/she may, with the Registrar General's written consent, investigate the affairs of that subsidiary.

**Article 274: Inspection d'une société affiliée**

Si un inspecteur estime que, dans le cadre de l'inspection sur les opérations commerciales de la société, il est nécessaire d'organiser une inspection sur les activités d'une société affiliée, il peut avec l'accord écrit du Registraire Général, enquêter sur les activités de cette société.

**Ingingo ya 275: Aho ububasha bw'umugenzuzi *w'ibikorwa* bugarukira**

Ububasha bw'umugenzuzi w'ibikorwa mu gukurikirana ibikorwa by'isosiyete bugomba no gukoreshwa ku mpamvu izo ari zo zose zigaragaza imikorere n'ubwumvikane bidafite agaciro mu mategeko ariko bigaragara cyangwa bishobora kugaragara ko bufite akamaro mu gukora igenzura.

**Article 275: Scope of powers of an inspector**

The powers of an inspector making an investigation of a company extend to the investigation of any circumstances which suggest the existence of an arrangement or understanding which, though not legally binding, is or was observed or likely to be observed in practice and which is relevant to the purposes of his/her investigation.

**Article 275: Délimitation des pouvoirs d'un inspecteur**

Les pouvoirs de l'inspecteur qui fait une inspection doivent être étendus à toutes les circonstances qui suggèrent l'existence d'un arrangement ou d'un accord qui, bien que n'étant pas légalement contraignant, est, ou a été observé ou est susceptible d'être observé dans la pratique, et qui est utile à l'inspection.

**Ingingo ya 276: Imikorere n'ububasha by'umugenzuzi *w'ibikorwa***

Umuntu wese bireba agomba, abisabwe n'umugenzuzi w'ibikorwa, gushyikiriza inyandiko yose ashinzwe kubika, kugenzura no gutanga inkunga yose afitiye ubushobozi kugira ngo inshingano zo gukora iyi mirimo zirangire neza.

**Article 276: Procedure and powers of inspector**

Every person concerned must, if required to do so by the inspector, produce to the latter every book in his/her custody, control or possession and give to the inspector all assistance in connection with the investigation which he/she is reasonably able to give for the investigation to be properly carried out.

**Article 276: Procédure et pouvoirs de l'inspecteur**

Toute personne concernée doit, s'il en est requis par l'inspecteur, fournir à celui-ci tout document dont il a la garde, le contrôle ou la possession et accorder à l'inspecteur toute l'assistance raisonnable à l'enquête.

**Ingingo ya 277: Imenyekanisha risaba gutanga amakuru**

Ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, akoresheje imenyekanisha ryanditse ashobora, gusaba ko umuntu wese bireba aza kubazwa abirahiriye ibyerekeye imirimo y'isosiyete kandi iryo menyekanisha rishobora no gusaba ko ibitabo byose bibitswe, bicungwa cyangwa bifitwe n'uwo muntu bitangwa.

**Article 277: Notice for the production of information**

An inspector may by written notice require any person concerned to appear for examination on oath in relation to the business of a subsidiary and the notice may require the production of every book in the custody, control or possession of the person concerned.

**Article 277: Avis de demande de fourniture d'information**

Un inspecteur peut, par un avis écrit, exiger que toute personne concernée se présente pour être soumise à un interrogatoire sous serment relativement aux activités d'une société et par cet avis exiger que chaque document dont cette personne a la garde, le contrôle ou la possession lui soit fourni.

**Ingingo ya 278: Icungwa ry'ibitabo bikoreshwa mu gihe cy'igenzura**

Iyo umugenzuzi w'ibikorwa asabye guhabwa ibitabo bibitswe, bicungwa cyangwa bifitwe n'umuntu bireba, ugenzura:

1° ashobora kubika ibyo bitabo;

2° ashobora kugumana ibyo bitabo igihe cyose

**Article 278: Management of the books used during the investigation**

Where an inspector requires the production of a book in the custody, control or possession of a person concerned, he/she:

1° may take possession of those books;

2° may retain those books for such time

**Article 278: Gestion des documents utilisés lors de l'inspection**

Lorsqu'un inspecteur exige la production de documents dont on a la garde, le contrôle ou la possession, il :

1° peut prendre possession desdits documents;

2° peut retenir lesdits documents aussi

yumva ari ngombwa kugira ngo imirimo ye igende neza;

3° agomba, mu gihe abitse ibyo bitabo, kwemerera isosiyete kuba yabibona igihe cyose bikenewe.

**<u>Ingingo ya 279</u>: Inshingano yo gusubiza ibibazo by'umugenzuzi *w'ibikorwa***

Nta muntu n'umwe bireba ufite uburenganzira bwo kwanga gusubiza ikibazo kirebana n'isosiyete igihe cy'ikurikiranwa ry'ibikorwa by'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 280</u>: Ibyavuzwe mu igenzura bifatwa nk'ikimenyetso mu gihe cy'urubanza**

Umugenzuzi ashobora gukora ku buryo ibyo yagiye yandika mu gihe cy'igenzura byandikwa neza kandi bigasomerwa cyangwa bigasomwa bikanashyirwaho umukono n'uwabajijwe kandi nyuma yaho bikaba byakoreshwa nk'ikimenyetso mu rubanza urwo ari rwo rwose kuri uwo muntu wabajijwe.

as he/she considers necessary for the purpose of the accomplishment of his/her mission;

3° must, where those books are in his or her possession, permit the company to have access, at all reasonable times to the book.

**<u>Article 279</u>: Obligation to answer questions asked by the inspector**

Every concerned person shall endeavour to answer a question which concerns the company during the investigation.

**<u>Article 280</u> Statements made during the investigation and considered as evidence in legal proceedings**

An inspector may cause statements he/she came across during the investigation process to be recorded in written form and to be read to or by and signed by the person who makes such statements and the latter may be used as evidence in any legal proceedings against that person.

longtemps qu'il le juge nécessaire au bon déroulement de sa mission;

3° doit, lorsque lesdits documents est en sa possession, permettre à la société d'y avoir accès, chaque fois que de besoin.

**<u>Article 279</u>: Obligation de répondre aux questions de l'inspecteur**

Aucune personne concernée n'a le droit de refuser de répondre à une question qui relève de la société lors de l'enquête des activités d'une société.

**<u>Article 280</u>: Éléments de l'inspection comme preuve lors d'une procédure judiciaire**

Un inspecteur peut faire en sorte que toutes les notes qui rentrent dans le cadre de l'inspection soient enregistrées et rédigées par écrit, lues pour ou par la personne qui subit l'inspection et signées par elle. Ces notes peuvent par la suite être utilisées comme éléments de preuve lors de toute procédure judiciaire contre cette personne.

**Ingingo ya 281: Gusubiza ibyangijwe n'uwahamwe n'icyaha**

Umuntu wese wahamwe n'icyaha cyagaragajwe n'igenzura, ashobora gutegekwa n'urukiko gusubiza mu isanduku ya Leta, uwareze, cyangwa isosiyete, hakurikijwe uko urubanza ruteye, amafaranga yose yakoreshejwe cyangwa igice cyayo.

**Ingingo ya 282: Gukoresha raporo y'umugenzuzi nk'ikimenyetso cy'urukiko**

Raporo y'umugenzuzi w'isosiyete ifatwa nk'ikimenyetso cyakoreshwa mu rukiko.

**Ingingo ya 283: Abagenzuzi b'ibikorwa bashyizweho n'isosiyete y'inyamahanga**

Isosiyete y'inyamahanga ifite amasosiyete ayishamikiyeho mu Rwanda, ishobora gushyiraho abagenzura ibikorwa by'imirimo y'ayo masosiyete, bikamenyeshwa Umwanditsi Mukuru.

**Article 281: Reimbursement by the convict**

Any person who is convicted of an offence as a result of the investigation may be directed by the Court before which the person is prosecuted to pay by way of reimbursement to the State, the applicant, or the company, as the case may be, the expenses of the investigation, either in whole or in part.

**Article 282: Report of inspector admissible as evidence before the court**

The report by the inspector of a company is admissible in any legal proceedings as evidence.

**Article 283: Inspectors appointed by a foreign company**

A foreign company with subsidiary companies in Rwanda may appoint inspectors for such subsidiary companies and the Registrar General shall be notified thereof.

**Article 281: Réparation des dommages par une personne reconnue coupable**

Toute personne reconnue coupable d'avoir commis une infraction à la suite de l'investigation, peut être condamnée par la juridiction à payer sous forme de remboursement au Trésor public, au demandeur ou à la société, selon le cas, une partie ou la totalité des dépenses encourues.

**Article 282 : Rapport de l'inspecteur admissible comme preuve**

Le rapport d'un inspecteur d'une société est considéré comme preuve devant les juridictions.

**Article 283: Inspecteurs nommés par une société étrangère**

Une société étrangère qui a des filiales au Rwanda peut nommer les inspecteurs des activités de ces filiales et en aviser le Registraire Général.

**UMUTWE WA XII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Ingingo ya 284: Ibihano bitangwa kubera kutubahiriza inshingano ziteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete itubahirije inshingano ziteganywa n'iri tegeko zijyanye no kwandikisha igikorwa cy'ubucuruzi mu bitabo byabugenewe, ihanishwa ihazabu ikubye inshuro eshanu z'amafaranga asabwa ku mwaka kugira ngo icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyandikwe kandi buri muyobozi w'isosiyete ashobora guhanishwa kwishyura ihazabu iri hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000) na miliyoni eshanu (5.000.0000) y'amafaranga y'u Rwanda.

**Ingingo ya 285: Ibihano bihabwa isosiyete itagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete igaragayeho ko itagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko ihanishwa ihazabu ingana n'inshuro eshanu z'amafaranga atangwa ku mwaka mu kwandikisha igikorwa cyayo.

**CHAPTER XII: ADMINISTRATIVE PENALTIES**

**Article 284: Penalties for failure to comply with the law**

A company which fails to comply with requirements of this Law as to getting registered in the relevant register of companies is liable to a fine of five times the annual filing fee and every director of the company liable to a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

**Article 285: Penalties for a company which fails to keep the books that are required by this Law**

A company which fails to keep the books required under this Law is liable to a fine of five times the annual filing fee.

**CHAPITRE XII : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Article 284: Sanctions au non-respect des dispositions de la présente loi**

Une société qui ne respecte pas les dispositions de la présente loi relatives à l'enregistrement d'une activité commerciale aux registres y relatifs est passible d'une amende équivalant à cinq fois le montant annuel d'enregistrement et chaque administrateur de la société est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille (500000) mais n'excédant pas cinq millions (5000000) francs rwandais.

**Article 285: Sanctions contre une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi**

Une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi est passible d'une amende égale à cinq fois le montant annuel exigé pour l'enregistrement de son activité commerciale.

**Ingingo ya 286: Ibihano bihabwa isosiyete idatanga inyandiko ziteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete iyo ari yo yose idatanga cyangwa idatangira ku gihe inyandiko ziteganywa n'iri tegeko ku Mwanditsi Mukuru, ihanishwa ihazabu ingana n'inshuro eshanu z'amafaranga akoreshwa ku mwaka mu kwandikisha igikorwa cyayo.

Mu gihe inyandiko zivugwa mu gika kibanziriza iki zitari iz'ukuri cyangwa zitera urujijo, isosiyete ikaba yabikoze ku bushake, icyo gihe ihanishwa igihano kivugwa mu gika kibanziriza iki.

**Ingingo ya 287: Isubiracyaha**

Isosiyete yongeye kugaragaraho amakosa yavuzwe mu ngingo ya 280, iya 281 n'iya 282 ihanishwa ihazabu ikubye inshuro ebyiri z'ibihano yagombaga guhanishwa mbere y'isubiracyaha nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 284, iya 285, n'iya 286 cyangwa ikamburwa uruhushya rwayo rw'ubucuruzi.

**Ingingo ya 288: Imenyekanisha ry'ibinyoma**

Umuntu wese usabwa gutanga inyandiko, kandi akaba:

**Article 286: Penalties for a company which fails to provide the documents required by this Law**

Any company which fails or delays to provide the Registrar General with the documents that are required by this Law is liable to a fine of five times the annual filing fee.

Where the documents referred to in the preceding paragraph are fraudulent or misleading, a company that intentionally provided them is liable to a penalty referred to in the preceding paragraph.

**Article 287: Recidivism**

A recidivist company with regard to compliance faults referred to in Articles 280, 281 and 282 is liable to a fine of twice the fine that was provided for before the recidivism as provided for by Articles 284, 285 and 286 or be struck off from the register of companies.

**Article 288: False or misleading notice**

Any person who is required to provide a document and who:

**Article 286: Sanctions contre une société qui ne donne pas les documents prévus par la présente loi**

Toute société qui ne donne pas ou qui ne donne pas à temps les documents prévus par la présente loi au Registraire Général est passible d'une amende égale à cinq fois le montant annuel pour l'enregistrement de son activité commerciale.

Lorsque les documents visés à l'alinéa précédent ne sont pas authentiques ou prêtent à confusion et que la société l'a fait volontairement, elle sera passible de sanction visée à l'alinéa précédent.

**Article 287: Récidive**

Une société qui se rend de nouveau coupable de fautes visées aux articles 280, 281, 282 est passible d'une amende de deux fois le montant des peines qu'elle encourrait avant la récidive telles que prévues aux articles 284, 285 et 286 ou être déchue de sa licence de commerce.

**Article 288: Fausses déclarations**

Toute personne tenue de produire un document et qui:

1° akoresha cyangwa agatanga uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa ishobora gutera kwibeshya;

2° yirengagiza ku bushake cyangwa agatuma hirengagizwa ikintu ku buryo bwatuma habaho inyandiko itari iy'ukuri kandi ku buryo bwatera kwibeshya ku kintu cy'ingirakamaro;

aba akoze icyaha kandi ahanishwa, ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) na miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

**Ingingo ya 289: Gutanga nkana inyandiko itari iy'ukuri**

Buri muyobozi w'isosiyete cyangwa umukozi w'isosiyete uzaba, ku bushake, yakoze, cyangwa yatanze uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa raporo itari iy'ukuri yerekeranye n'imirimo y'isosiyete, ku:

1° ugize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, umukozi, ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete, umunyamigabane w'isosiyete, nyir'umugabane nguzanyo cyangwa uhagarariye ufite imigabane nguzanyo ;

2° ushinzwe igabagabana ry'umutungo w'isosiyete yasheshwe, komite ishinzwe

1° knowingly makes, or authorises the making of, a statement that is false or misleading;

2° deliberately omits or authorises the omission of, any matter whose omission makes the document false or misleading on an important matter;

commits a fault and is liable to a fine of not less than five hundred (500, 000) but not exceeding two million (2, 000, 000) Rwandan francs.

**Article 289: Knowingly submitting a false document**

Any director or employee of a company who knowingly makes or submits, or authorises the making or submission of, a false or misleading statement or report with regard to:

1° a director, employee, inspector, shareholder, debenture holder or trustee for debenture holder of the company;

2° a liquidator, liquidation committee, or receiver or manager of property of

1° fait ou autorise l'usage d'un faux document ou qui induit en erreur;

2° intentionnellement omet ou autorise l'omission d'un fait dont l'absence a pour effet de rendre le document faux et que cela risque d'induire en erreur sur un élément important;

commet une faute et est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille (500.000) mais n'excédant pas deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

**Article 289: Fournir intentionnellement un faux document**

Tout administrateur ou employé de la société qui intentionnellement fait, ou autorise l'utilisation d'un faux document ou d'un faux rapport portant sur les activités de la société, à:

1° un administrateur, employé, inspecteur, actionnaire, obligataire, ou mandataire d'un obligataire;

2° un liquidateur, un comité de liquidation, un bénéficiaire ou gérant

igabagabana ry'umutungo w'isosiyete yasheshwe, ugomba guhabwa ibintu by'isosiyete cyangwa ushinzwe kubicunga;

3° isosiyete ishamikiye ku yindi, ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete ishamikiyeho;

4° isoko ry'imigabane cyangwa umukozi w'iguriro ry'imigabane;

aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) .

**<u>Ingingo ya 290:</u> Uburyozwe burebana n'ibaruramari ry'umwaka**

Iyo abayobozi b'isosiyete bemeje ko ibaruramari ritujuje ibisabwa mu ngingo za 123 na 125 z'iri tegeko, buri muyobozi wagize uruhare mu kubyemeza kandi akaba azi ko bitubahirije ibisabwa cyangwa habayeho uburangare kugira ngo bamenye ko bibyubahirije cyangwa bitabyubahirije, aryozwa ihazabu iri hagati ya miliyoni imwe (1.000.0000) na miliyoni icumi (10.000.0000) y'amafaranga y'u Rwanda.

Ku mpamvu z'igika cya mbere cy'iyi ngingo,

the company;

3° where the company is a subsidiary, a director, employee or inspector of its holding company;

4° a stock exchange or an officer of a stock exchange;

commits a fault and shall is liable to a fine of not less than one million (1,000,000) but not exceeding ten million (10,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 290:</u> Liability in relation to annual accounts**

If the directors of a company approve accounts which do not comply with Articles 123 and 125 of this Law, every director who is a party to their approval and who knows that they do not comply or is reckless not to know whether they comply or not, is liable to a fine of not less than one million (1,000,000) but not exceeding ten million (10,000,000) Rwandan francs.

For the purposes of paragraph One of this

des biens de la société;

3° lorsque la société est une filiale, un administrateur, un employé ou inspecteur de la société mère;

4° la bourse ou un agent de la bourse;

commet une faute et est passible d'une amende d'au moins un million (1.000.000) mais n'excédant dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 290 :</u> Responsabilité relative aux comptes annuels**

Dans le cas les administrateurs d'une société approuvent les comptes n'étant en conformité avec les dispositions des articles 123 et 125 de la présente loi, chaque administrateur approuvant lesdits comptes et reconnaissant leur non-conformité ou manifestant une négligence eu égard à leur conformité auxdites dispositions, est passible d'une amende d'au moins un million (1.000.000) mais n'excédant dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Aux fins d'application de l'alinéa premier du

buri muyobozi w'isosiyete mu gihe ibaruramari ryemezwa agomba kugira uruhare mu kuyemeza keretse agaragaje ko:

1° ntiyari azi kandi ntiyanashoboraga kumenya ko byemejwe;

2° yagerageje ibishoboka byose kugirango abuze ko byemezwa.

Iyo kopi y'ibaruramari ry'umwaka itarasinywe nk'uko bisabwa mu ngingo ya 119 n'iya 120 z'iri tegeko, bitanzwe, bigakwirakwizwa kandi bigatangazwa, isosiyete, umuyobozi wayo cyangwa umwanditsi baryozwa ihazabu iri hagati ya miliyoni imwe (1.000.0000 Frw) na miliyoni icumi (10.000.0000 Frw) y'amafaranga y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 291</u>: Igihano cyo guhamagarira rubanda kuguramo imigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane**

Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ntigomba:

1° guhamagarira rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu kuyiguramo imigabane, byaba

Article, every director of the company at the time the accounts are approved is taken to be a party to their approval unless he/she shows:

1° that he/she did not know of and could not be reasonably expected to know of their approval;

2° he/she took all reasonable steps in all the circumstances to prevent their being approved.

If a copy of the annual accounts which have not been signed as required by Articles 119 and 120, are issued, circulated or published, the company, its directors and secretary shall be liable to a fine of not less than one million (Rwf 1,000,000) but not exceeding ten million (Rwf 10,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 291:</u> Penalty for contravening restrictions on public offers by a private company**

A private company shall not:

1° offer to the public or any section of the public, whether for cash or

présent article, chaque administrateur de la société, au moment d'approbation des comptes, est pris comme partie à l'approbation desdits comptes sauf s'il prouve:

1° qu'il ne connaissait pas ou ne pouvait raisonnablement pas prendre connaissance de leur approbation ;

2° qu'il a entrepris toutes les démarches raisonnables pour empêcher leur approbation.

Dans le cas les copies des comptes annuels n'ayant pas été signées en vertu des articles 119 et 120 de la présente loi, sont transmises, émises ou publiées, la société, ses administrateurs et son secrétaire sont passibles des amendes d'au moins un million (1.000.000 Frw) mais n'excédant pas dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**<u>Article 291</u>: Sanction relative aux restrictions pour les offres publiques dans une société privée**

Une société privée ne doit pas :

1° faire appel au public ou à toute partie du public, pour lui offrir soit de

kuyiha amafaranga cyangwa kuyiha ku bundi buryo ingwate y'isosiyete y'imitungo yimukanwa iyo ari yo yose ;

2° gutanga imigabane cyangwa kwemera gutanga imigabane, byaba ku mafaranga cyangwa ku ngwate ya sosiyete y'ibintu byimukanwa ku bundi buryo hagamijwe ko ingwate zose cyangwa zimwe na zimwe zagurishwa rubanda cyangwa icyiciro iki n'iki cya rubanda.

Iyo sosiyete ikoze ibinyuranyije n'ibiteganyijwe mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo, isosiyete na buri muyobozi baryozwa ihazabu iri hagati ya miliyoni ebyiri (2.000.0000 Frw) na miliyoni eshanu (5.000.0000 Frw) y'amafaranga y'u Rwanda.

**__Ingingo ya 292__: Igihano cyo kudatanga ibaruramari ry'umwaka, raporo y'abayobozi na raporo y'umugenzuzi w'imari**

Abagize Inama y'Ubutegetsi bakurikirana ko isosiyete igeza ku Inama y'Ubutegetsi mu gihe kitarenze amezi arindwi (7) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, no mu gihe kitarenze amezi ane y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo mu gihe ari isosiyete

otherwise any securities of the company; or

2° allot or agree to allot, whether for cash or otherwise, any securities of the company with a view to all or any of the securities being offered for sale to the public or any article of the public.

If a company acts in contravention of the provisions of paragraphs one and 2 of this Article, the company and every director of that company are liable to a fine of not less than two million (Rwf 2,000,000) but not exceeding five million (Rwf 5,000,000) Rwandan francs.

**__Article 292:__ Penalties for failing to deliver annual accounts, directors' report and auditor's report**

The directors of a company ensure that the company delivers to the Registrar General not later than 7 months after its accounting reference date in the case of a private company, and 4 months after its accounting reference date in the case of a public company:

l'argent au comptant, soit des titres de garanties de la société ; ou

2° répartir ou accepter d'attribuer des actions, que ce soit pour l'argent au comptant ou autrement, tout titre de sécurité de la société en vue de proposer à la vente la totalité ou une partie des titres au public ou à n'importe quel partie du public.

Lorsqu'une société agit contrairement aux dispositions des alinéas premier et 2 du présent article, ladite société et chacun de ses administrateurs sont passibles des amendes d'au moins deux millions (2.000.000 Frw) mais n'excédant pas cinq millions (5.000.000 Frw) de francs rwandais.

**__Article 292:__ Sanctions pour non transmission des comptes annuels, du rapport des administrateurs et du rapport de l'auditeur**

Les administrateurs d'une société veillent à ce que la société remette au Registraire Général au plus tard sept (7) mois après sa date de référence de comptabilité dans le cas d'une société privée, et quatre (4) mois après sa date de référence de comptabilité dans le cas d'une société publique:

ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane:

1° kopi y'ibaruramari ry'umwaka yashizweho umukono kandi ikemezwa;

2° kopi ya raporo y'umugenzuzi kuri iryo baruramari;

3° raporo z'abagize Inama y'Ubutegetsi yerekeranye n'igihe cy'ibaruramari gihuye n'iryo baruramari ry'umwaka.

Iyo abagize Inama y'Ubutegetsi batubahirije ibiteganywa muri iyi ngingo, isosiyete ihanishwa ihazabu iri hagati ya miliyoni imwe (1.000.0000) na miliyoni icumi (10.000.0000) y'amafaranga y'u Rwanda.

**<u>UMUTWE WA XIII</u>: IBYAHA N'IBIHANO**

**<u>Ingingo ya 293:</u> Igihombo cyikururiwe cyoroshye**

Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura:

1° wikenura cyangwa ukenura urugo rwe, asesagura imari;

1° a copy of its signed and approved annual accounts;

2° a copy of the auditor's report on those accounts; and

3° in the case of a public company, a copy of the directors' report relating to the same accounting period as those annual accounts.

If the directors fail to comply with the provisions of this article, the company shall be liable to a fine of between one million (1,000,000) and ten million (10,000,000) Rwandan francs.

**<u>CHAPTER XIII:</u> OFFENCES AND PENALTIES**

**<u>Article 293:</u> Simple fraudulent bankruptcy**

Any insolvent business person who:

1° for his/her personal interest or for his/her family incurs excessive expenses;

1° une copie de ses comptes annuels signés et approuvés;

2° une copie du rapport de l'auditeur sur ces comptes; et

3° dans le cas d'une société publique, une copie du rapport des administrateurs relatif au même exercice comptable que ces comptes annuels.

Lorsque les administrateurs d'une société ne se conformément pas aux dispositions du présent article, la société est passible d'une amende d'au moins un million (1.000.000) mais n'excédant pas dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

**<u>CHAPITRE XIII:</u> INFRACTIONS ET SANCTIONS**

**<u>Article 293:</u> Faillite frauduleuse simple**

Tout commerçant insolvable:

1° dans son intérêt personnel ou de celui de sa famille ayant contracté des dépenses excessives;

2° unanirwa kwishyura imyenda, utonesha umwe mu bishyurwa ku buryo buryamiye abasigaye;

3° uhisha ko yananiwe kwishyura, ugura ibintu akabigurisha ku giciro kiri hasi y'ikiriho, wirundaho imyenda, utanga impapuro zifite agaciro k'amafaranga cyangwa agakoresha ubundi buryo bwose buhombya, akurikiranye kubona amafaranga;

4° uhimba ibyo yatanzeho amafaranga, ibyamuhombeje cyangwa ntagaragaze umutungo wose nyakuri ufitanye isano n'ubucuruzi afite yaba yabonye nyuma y'itariki yarekeyeho kwishyura cyangwa ntiyerekane icyo yawukoresheje kuva igihe aheruka gukorerwa igenzura;

aba akoze icyaha cy'igihombo cyikururiwe cyoroshye kandi ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

2° fails to pay, favours one of the creditors to the detriment of others;

3° dissimulates his or her insolvency; purchases items which he/she sells at a lower price than the market price; indulges in taking loans; delivers cash value effects, or any other way meant to cause bankruptcy, in pursuit of getting cash;

4° forges expenses or losses incurred or does not justify all real assets inherent to trade which he or she might have obtained after the date on which he/she became insolvent or does not justify what he/she has used since his or her last audit;

commits an offence of simple bankruptcy and shall be liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

2° ne payant pas, donnant priorité à un créancier au détriment des autres créanciers ;

3° dissimulant sa situation d'insolvabilité ; achetant des biens et revendant lesdits à un prix inférieur à leur valeur marchande; se livrant à des prêts ; offrant des valeurs en espèces, ou tout autre moyen visant à causer la faillite, dans le but d'obtenir des espèces ;

4° falsifiant les dépenses ou les pertes contractées ou ne justifiant pas les actifs réels inhérents au commerce qu'il aurait obtenus après la date à laquelle il est devenu insolvable ou ne justifiant pas l'usage des biens suivant le dernier audit,

